# Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº .E-52 TARIKI 26 GASHYANTARE - 2 WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw







AMAKURU
RSSB yatangiye kwishyura mbere aya Mituweli yorohereza abayivurizaho

2

UBUKUNGU
Abanyarwanda baba mu mahanga basabwe gufasha abana babo kumenya Ikinyarwanda

4

AMAKURU
7FAA 2025-2026: AMIFA yahembewe kubaka urwego rw'imari rudaheza muri Afurika

11

MU NTARA
Nyamagabe: Barishimira kwiyongera k'umusaruro babikesha kuhira ku buso buto

15


# Ibyavuye mu igeragezwa ry'ibanze ry'ifaranga koranabuhanga (e-Frw)

## Abashomeri mu Rwanda baragabanyutse mu myaka 4

NYIRANEZA Judith

***Mu gihe cy'imyaka ine, kuva mu mwaka wa 2020 kugeza mu 2024, ikigero cy'ubushomeri mu Rwanda cyaragabanyutse haba mu baturage b'ibigitsina gore ndetse n'ab'igitsina gabo.***

Imibare itangazwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) muri Raporo Isesengura Imiterere y'Isoko ry'Umurimo mu Rwanda hashingiwe ku bitsina, igaragaza ko ubushomeri bwavuye ku gipimo cya 20,2% mu 2023 bukagera kuri 17,6% mu bagore, mu gihe mu bagabo bwavuye kuri 15,9% bukagera kuri 12.6% mu mwaka wa 2024.

KOMEZA KU RUP.3




Hagaragajwe ibyavuye mu igerageza ryakozwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'Ifaranga-Koranabuhanga rya Banki Nkuru

NTAWITONDA Jean Claude

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yatangaje ko yasoje igerageza rito ryitwa "Proof of Concept (PoC)" mu rurimi rw'icyongereza, ryakozwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'Ifaranga-Koranabuhanga rya Banki Nkuru (Central Bank Digital Currency - CBDC), ryiswe e-Franc Rwandais (e-FRW).***

Iri gerageza rifatwa nk'intambwe ikomeye mu rugendo u Rwanda rurimo rwo kubaka urwego rw'imari rutajegajega, rudaheza kandi rukoresha ikoranabuhanga rigezweho.

Igeragezwa ryakozwe ku buryo e_frw ari ifafanga rishobora gukoreshwa ku bantu bishyurana hagati yabo, cyangwa bishyura abacuruzi n'ibigo, abacuruzi barangura ku bandi bacuruzi n'ibindi.

Ikindi cyageragejwe ni ukureba niba iryo faranga koranabuhanga ritakoreshwa gusa ku bafite murandasi, rikaba ryanakoreshwa ku badafite internet (dual offline mode). Ibyo binashoboka kandi hakoreshejwe uburyo bwa USSD abantu basanzwe bamenyereye nko gukanda akanyenyeri.

KOMEZA KU RUP.3

# RSSB yatangiye kwishyura mbere aya Mituweli yoroherereza abayivurizaho



Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RSSB, Kanyonga Louise yavuze ko imyaka 25 Mituweli imaze yazamuye ubuvuzi

KAMALIZA Agnes

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) bwatangaje ko ku bufatanye na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), hatangijwe uburyo bushya bwo kwishyura mbere ibigo nderabuzima amafaranga yifashishwa kuri serivisi zihabwa abanyamuryango b'ubwisungane mu kwivuza (Mituweli).***

Iyi gahunda igamije kurushaho kunoza serivisi z'ubuvuzi zihabwa abanyamuryango ba Mituweli, aho bazajya bavurwa batabangamiwe n'uko ibigo nderabuzima n'amavuriro y'ibanze yabuze ubushobozi bwo kubitaho kubera ko yatinze kwishyurwa.

RSSB ivuga ko ibi bitandukanye n'uko byakorwaga mbere aho amavuriro yishyurwaga nyuma yo gutanga serivisi, rimwe na rimwe bigatinda bikanazidindiza.

Ubwo hizihizwaga imyaka 25 y'ubwisungane mu kwivuza bumaze bukorera mu Rwanda no gutangiza amavugurura yo gushyigikira serivisi za Mituweli, ku wa 24 Gashyantare 2026, RSSB yavuze ko kwishyura amavuriro mbere bigamije kongera ireme rya serivisi z'ubuvuzi zihabwa abaturage.

Umuyobozi Mukuru wungirije wa RSSB, Kanyonga Louise, yavuze ko ayo mavugurura azafasha amavuriro mu igenamigambi, guharanira ko ahorana imiti n'ibindi bikoresho by'ingenzi, kwirinda ingaruka ziterwa n'ubukererwe bwo kwishyurwa no korohereza abatanga serivisi z'ubuvuzi gukomeza kuzitanga nta nkomyi.

Yagize ati: "Ibigo nderabuzima bizajya byishyurwa mbere yo gutanga serivise z'ubuzima kugira ngo bitange serivisi mu buryo buhoraho kandi bunoze. Ibi bizakemura ibibazo byinshi abanyamuryango bacu bahura nabyo nko kubona imiti n'ibikoresho ku gihe, bizanafasha gukumira indwara no kuzivura kare kandi ikigega cya Mituweli kizagenzura neza ikiguzi cy'ubuvuzi no kunoza imikorere."

Yongeyeho ko RSSB yiyemeje kuzajya yishyura ku gihe no gukorana bya hafi na Minisiteri y'Ubuzima n'Uturere kugira ngo hatangwe serivisi inoze kandi ishimishije.

Ku ikubitiro ubu buryo bwo kwishyura mbere bwatangirijwe mu bigo nderabuzima byo mu Ntara y'i Burasizuba guhera muri Mutarama 2026, ariko bizakomereza n'ahandi hose mu Gihugu.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ishima ubwo buryo bwo kwishyura mbere, kuko bizatuma serivisi zihabwa abanyamuryango ba Mituweli zinoga kurushaho, cyane ko na Mituweli yagiye ivugururwa ubu ikaba ishobora kuvura indwara nyinshi ndetse Abanyarwanda bose bakivuza.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Habimana Dominique ahamya ko Mituweli yagize uruhare mu kugeza ubuvuzi bwiza kuri bose kandi yahinduye uburyo abaturage babona serivisi z'ubuvuzi mu Rwanda.

Yagize ati: "Uko imyaka yagiye ishira Mituweli nayo yagiye ivugururwa uyu munsi ibasha kuvura uyifite. Turabyishimira nk'Igihugu kuba tubasha kubaka ubwo bushobozi tukavura Abanyarwanda bose."

Kugeza ubu abaturage bagera kuri 90% babasha kubona ubuvuzi kubera Mituweli, aho Leta ibatangira umusanzu ungana na 52%.



Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango RPF Inkotanyi Bazivamo Christophe yaganiriye n'Uhagarariye EU mu Rwanda Belen Calvo Uyarra

# Bazivamo na Ambasaderi wa EU mu Rwanda baganiriye ku bufatanye mu iterambere

ZIGAMA Theoneste

***Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango RPF-Inkotanyi, Bazivamo Christophe, ku wa Kane tariki ya 26 Gashyantare 2026 yahuye n'Uhagarariye Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi mu Rwanda Belen Calvo Uyarra, baganira ku bufatanye hagati y'impande zombi.***

Umuryango RPF-Inkotanyi watangaje ko aba bayobozi bombi bishimiye umusaruro wavuye mu bufatanye hagati y'u RPF na EU mu rugendo rwo kubaka Igihugu no kugiteza imbere.

Banemeranyije ko hakenewe kongera imbaraga muri ubwo bufatanye kugira ngo burusheho kugera ku rwego rushimishije.

U Rwanda n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi bisanzwe bifitanye umubano umaze igihe kirekire, wibanda ku guteza imbere imiyoborere myiza ku rwego mpuzamahanga no gukorana mu bigo mpuzamahanga, gushyigikira gahunda y'iterambere rirambye ridaheza, ndetse no kongera ubucuruzi n'ishoramari hagati y'impande zombi.

EU yatangiye gukorana n'u Rwanda mu myaka ya 1980, imikoranire ikaba yarashyizwe mu buryo bwa dipolomasi mu 1991. Kuva icyo gihe, EU n'u Rwanda bagiye bagirana ubufatanye mu bya politiki, ubukungu, imibereho myiza n'imiyoborere.

EU n'ibihugu bigize 'Team Europe" byiyemeje gushora miliyoni zirenga 900 z'Amayero mu Rwanda binyuze muri gahunda ya Global Gateway.

Iryo shoramari rikubiyemo iryashyizwe mu rwego rw'ubuzima, ibikoresho by'ibanze, ubuhinzi, kurwanya ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, n'uburezi.

Hari n'inyongera ya miliyoni 40 z'Amayero, yashowe mu guteza imbere uruganda rukora inkingo n'imiti mu Rwanda binyuze mu bufatanye n'Ikigo BioNTech.

Muri gahunda y'imyaka irindwi (2021–2027), EU yemeye gutanga miliyoni 260 z'Amayero yo gushyigikira ubuhinzi burambye, uburezi, n'iterambere ry'imijyi.

Ibi byiyongera ku bufasha bwatanzwe mu guhangana n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19 no guteza imbere uruganda rw'inkingo mu Rwanda.





# Ibyavuye mu igeragezwa ry'ibanze ry'ifaranga koranabuhanga (e-Frw)

IBIKURIKIRA URUP.1

Umutekano w'iryo faranga warongerewe cyane ku buryo bidashoboka kwishyura serivisi imwe inshuro ebyiri atari ku bushake. Hariho kandi uburyo bwo kubika mafaranga bugezweho haba kuri telefoni zigezweho cyangwa ku makarita agezweho.

Ni igerageza ryakozwe ku bufatanye n'amabanki, abatanga serivisi zo kwishyurana, ibigo bizobereye mu ikoranabuhanga ryo guhanga udushya mu rwego rw'imari n'inzego za Leta zitandukanye.

Ubuyobozi bwa BNR buvuga ko iri gerageza ryavuyemo ibitekerezo bifatika ku byerekeye ikoranabuhanga rikenewe mu gukora e-Frw, uko abarikoresha babona serivisi, imicungire y'ibibazo bishobora kuvuka mu kurikora no kurikoresha ndetse n'ibyakwibandwaho mu mategeko n'amabwiriza arigenga.

Ni muri urwo rwego hagiye gutangira irindi geragezwa ryagutse rizamara amezi 12 rikorerwa ku matsinda y'Abanyarwanda batandukanye bakorera mu Mujyi wa Kigali, imwe mu mijyi yunganira uwa Kigali ndetse na bimwe mu bice byatoranyijwe mu cyaro.

Nanone kandi hagiye kongererwa imbaraga gahunda yo kugeza serivisi z'imari kuri bose hifashishijwe uburyo bworoshye bwa USSD n'ibikoresho bidahenda.

CBDC ni ifaranga ry'ikoranabuhanga ritangwa na banki nkuru z'ibihugu, rigakora kimwe nk'amafaranga asanzwe afatika nk'inoti n'ibiceri, icyakora ryo rikaba rifite udushya dutandukanye nko kuba ryakora ahatari murandasi n'ibindi.

Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda Soraya Hakuziyaremye, ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko imitwe yombi, Raporo y'Ibikorwa bya Banki Nkuru y'u Rwanda by'umwaka wa 2024/25 ku wa 01 Ukuboza 2025, yagaragaje ko ifaranga korabanabuhanga rifite byinshi rishobora gufasha harimo kwihutisha kwishyurana, gukoresha tekinoloji mu buryo budateza ibibazo n'ibindi.

Yongeyeho ko ikiri mu byigwaho muri uyu mwaka ari ukureba ko iryo faranga ryakorana n'ibindi bihugu bisanzwe bihahirana n'u Rwanda.

Yagize ati: "Icyo tutarageragerageza ni ukureba niba dushobora kohereza iryo faranga koranabuhanga n'ibindi bihugu. Ese dushobora kohererezanya n'ibihugu dusanzwe duhahirana ntihagire ikibazo kibamo? Cyane cyane tubona ko ikizanafasha mu gukoresha CBDC ari ukureba niba yagabanya igiciro cyo kohereza amafaranga mu buryo bwambukiranya imipaka."

Mu 2023 ni bwo BNR yatangiye inyigo yo kureba uburyo mu Rwanda hatangira gukoreshwa ifaranga ry'ikoranabuhanga rigenzurwa na BNR. Inyigo y'ibanze yari igamije kureba icyo iryo faranga ryamarira Abanyarwanda, uko ryakoreshwa bigendanye n'ubundi buryo busanzwe mu Rwanda nk'amabanki cyangwa Mobile Money.

CBDC yitezweho ko izinjizwa mu mikorere y'Ifaranga ry'u Rwanda aho umuntu ashobora kuba afite amafaranga kuri konti agasaba ikigo bakorana ko kiyamuha mu mafaranga y'ikoranabuhanga akaba yayahabwa.

Umuntu ashobora no guhitamo ko bayamuha mu madolari cyangwa akagira konti zitandukanye zijyaho amafaranga ya CBDC cyangwa asanzwe.

Ibihugu birenga 130, ku Isi biri kwiga ku ikoreshwa rya CBDC, ndetse ibihugu bimwe by'i Burayi biri ku murongo umwe n'u Rwanda wo gutangiza iri koranabuhanga riteza imbere urwego rw'imari rujyanye n'igihe.

# Abashomeri mu Rwanda baragabanyutse mu myaka 4

IBIKURIKIRA URUP.1

Raporo ya NISR ivuga ko nubwo hari intambwe yatewe mu kugabanya igipimo cy'ubushomeri, ab'igitsina gore baracyari ku rugero rwo hejuru ugereranyije n'ab'igitsina gabo.

Igabanyuka rije rikurikiye ubwiyongere budasanzwe bw'igipimo cy'ubushomeri bwagaragaye mu 2021, aho ab'igitsina gore bari ku kigero cya 24,1% mu gihe bagenzi babo b'igitsina gabo bo bageze ku kigero cya 18,5%.

Iyo raporo kandi igaragaza ko urubyiruko ari rwo rugaragaramo umubare munini w'abafite ibibazo by'ubushomeri kuko abakobwa bari mu kigero cy'imyaka 16-24 bari ku kigero cya 22,9% mu mwaka wa 2024 mu gihe abahungu b'abashomeri muri iyo myaka na bo bari ku kigero cya 16,8%.

Mu cyiciro cy'abafite imyaka iri hagati ya 25 na 34, ab'igitsina gore bari mu bushomeri bari 20,2% mu gihe ab'igitsina gabo bari ku kigero cya 11,6%. Icyo kigero cyarushijeho kugabanyuka ku bafite imyaka iri hagati ya 35 na 54 aho ab'igitsina gore bari ku kigero cya 13,9% mu gihe ab'igitsina gore bari kuri 11,0%.



Hahangwa imirimo itandukanye

Abari hejuru y'imyaka 65, ni bo barimo bake badafite imirimo kuko ab'igitsina gore bangana na 10,2% naho abagabo bo bakaba 9,0%.

Nanone kandi ubushomeri bwagiye bwigaragaza mu buryo bunyuranye bitewe n'amashuri abantu bize. Mu mwaka wa 2020 urubyiruko rufite imyaka 16-30 rutageze mu mashuri rwari ku kigero cy'ubushomeri cya 19,3% b'igitsina gore ndetse na 15,7% b'igitsina gabo.

Mu mwaka wa 2024, iki kigereranyo cyariyongereye kigera kuri 20,7% b'igitsina gore ariko kigabanyuka ku kigero cya 12,7% ku bagabo.

Mu bize amashuri yisumbuye ikigero cy'ubushomeri cyaragabanyutse cyane aho mu b'igitsina gore cyavuye kuri 34,2% mu 2020 kikagera kuri 28,6% mu 2024 na ho ku bagabo kikava kuri 28,2% kikagera kuri 25,4% muri icyo gihe.

No ku basoje kaminuza ni uko, ikigero cy'ubushomeri ku bagore cyari kuri 27,9% na 17,8% mu mwaka wa 2024. Iyi mibare igaragaza ko ubushomeri bwagabanyutse muri iyo myaka ine uretse ko bukigaragara mu rubyiruko cyane by'umwihariko mu b'igitsina gore.



Ubushomeri bugenda bugabanyuka, abagore bagatinyuka imirimo ubusanzwe yafatwaga nk'iy'abagabo

# Abanyarwanda baba mu mahanga basabwe gufasha abana babo kumenya Ikinyarwanda

MUTETERAZINA Shifah

***Abanyarwanda baba mu mahanga basabwe guha abana babo amahirwe yo kumenya Ikinyarwanda, mu rwego rwo guhangana n'ikibazo cy'abana bavuka ku Banyarwanda ariko ntibamenye ururimi rwabo gakondo kubera kutagikoresha kenshi.***

Ururimi ni imwe mu nkingi ikomeye mu zigize umuco n'amateka by'Igihugu, ariko urubyiruko rw'Abanyarwanda ruba mu mahanga usanga rugorwa no kumenya Ikinyarwanda ari nayo mpamvu hari bamwe bafata umwanya bagasura u Rwanda kugira ngo bamenye byisumbuyeho indangagaciro z'aho bavuka.

Ubwo habaga ibirori byo gusoza urugendoshuri rw'ibyumweru bibiri abanyeshuri bo mu 'Ishuri Umuco' ryo mu Bubiligi kuri uyu wa 25 Gashyantare 2026, Intebe y'Inteko Amb. Prof. Masozera yagaragaje ko kutamenya ururimi kavukire ku mwana bigirwamo uruhare n'ababyeyi, abasaba guha abana ubwo burenganzira.

Ati: "Abana baba mu mahanga ababyeyi ntabwo babaha amahirwe yo kumenya Ikinyarwanda, umwana ururimi yumva mu rugo bavuga ni rwo avuga, iyo atarwumva ntiyaruvuga kandi ntiyarumenya. Kubera iki ababyeyi twima abana amahirwe yo kumenya Ikinyarwanda?

Iyo umwimye amahirwe yo kumenya Ikinyarwanda uba umwimye ayo kumenya uwo ari we, isano afitanye n'Igihugu, umuco, uba umuvukije ibyo byose."

Akomeza agira ati: "Ubu butumwa ndabubabwiye ariko burareba Abanyarwanda bose baba mu mahanga, Mwikwima abana amahirwe yo kumenya aho baturuka, kumenya indimi nyinshi ni amahirwe ariko kutamenya urwawe ni igihombo."

Mu minsi 10 ishize bari mu Rwanda, mu rugendoshuri, abana b'Abanyarwanda 40 baturutse mu Bubiligi biganjemo abahavukiye, bavuze ko bahungukiye byinshi kuko babonye igihe gihagije cyo kwigishwa no gusobanuirwa byinshi ku mateka y'u Rwanda.



Ababyeyi baba mu mahanga bakanguriwe kwigisha abana Ikinyarwanda

Aline Karemera uri mu banyeshuri biga mu 'Ishuri Umuco' ryigisha amateka n'ururimi rw'Ikinyarwanda, ryigisha urubyiruko rw'Abanyarwanda batuye mu Bubiligi, avuga ko urugendoshuri yagiriye mu Rwanda yarwungukiyemo byinshi kuko babonye igihe gihagije cyo gusobanukirwa byinshi ku gihugu cyabo.

Ati: "Ni ibihe byari byiza cyane kuri njye na bagenzi banjye. Kuri iyi nshuro twabonye igihe gihagije twiga byinshi ugereranyije na mbere ubwo duheruka kuza, twize kuvuga Ikinyarwanda, kubyina n'ibindi, bituma turushaho kongera urukundo n'umubano twari dufitanye."

Cyusa Noris Karara yunzemo ati: "Hano twize byinshi, icyanshimishije kurushaho, ni uko twize guhamiriza kandi mu Bubiligi nsanzwe mbyina mu itorero ryitwa Itetero, nifuzaga kumenya ibyisumbuyeho, twabonye ibikorwa remezo byadufashije kwiga buri kimwe twari dukeneye, twize Ikinyarwanda nongera kukibuka."

Baba Abanyeshuri, Ababyeyi n'ubuyobozi bw'Ishuri Umuco, bagaragaza ko banyuzwe n'uburyo bafashijwe muri gahunda yo kwigisha abana babo, bashimira cyane inzego zabigizemo uruhare.

Ni urugendoshuri bavuga ko bafashijwemo na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'ubutwererane bw'u Rwanda, Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu binyuze mu Nteko y'Umuco, hamwe na Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi.

Itsinda rimaze iminsi 10 mu Rwanda, ryari rigizwe n'abana 41, ababyeyi 20 n'umwarimu 1, bakaba bari mu Rwanda guhera ku wa 16 kugeza ku wa 25 Gashyantare 2026.

# U Rwanda rwahawe miliyari zisaga 114,7 Frw yo kuzamura ubuhinzi n'ubworozi

NYIRANEZA Judith

***Guverinoma y'u Rwanda n'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi (IFAD) basinye amasezerano y'inkunga angana na miliyoni 78.5 z'amadolari ya Amerika ni ukuvuga angana na miliyari zisaga 114,7 igamije guteza imbere urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi.***

Iyi nkunga izifashishwa mu kuhira imyaka ku misozi mu Karere ka Kayonza no guteza imbere urwego nyongeragaciro rw'amatungo magufi.

Intego ni ukugabanya ubukene, kongera umutekano w'ibiribwa, kuzamura ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere mu buhinzi no kongera amafaranga yinjira mu miryango ihereeye mu cyaro.



Amasezerano yasinywe agamije kuzamura umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi

Icyo kigega gisanzwe kigira uruhare mu guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi binyuze mu mishinga itandukanye ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI).

Muri yo hari nk'uwa PRISM wibanda ku guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi, kubaka ibikorwa remezo nk'amavuriro y'amatungo, amasoko yayo n'amabagiro. Watangiye mu 2020/2021 mu Turere 15 ari two Ruhango, Huye, Gisagara, Nyaruguru, Nyamagabe, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro, Nyabihu, Ngororero, Musanze, Burera, Gicumbi, Gakenke na Rulindo.

Uwo mushinga ufite intego yo gufasha abaturage kwikura mu bukene.

Undi mushinga uterwa inkunga na IFAD, Ugamije Guteza Imbere Ubworozi bw'inka z'umukamo mu Rwanda (RDDP: Rwanda Diary Development Project) watangijwe na Leta y'u Rwanda mu rwego rwo gufasha aborozi kunoza ibikorwa byo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amata mu buryo bubyarira inyungu aborozi.

Bimwe mu bikorwa byakozwe harimo kubaka amakusanyirizo y'amata manini n'amato hirya no hino mu Gihugu.

Undi mushinga ni KWIIP (Kayonza Irrigation and Integrated Watershed Management Project) wibanda ku bikorwa byo kuhira imyaka by'umwihariko mu Mirenge ya Ndego na Kabare ahakunze kuba amapfa, gusa ukaba uzanagezwa no mu yindi Mirenge yako Karere.

Ikigega IFAD kuva cyashingwa mu 1978, cyiyemeje gutera inkunga ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bitandukanye hirya no hino ku Isi hagamijwe ko abantu bihaza mu biribwa n'ibikomoka ku matungo.





# Kaminuza Yarangambaniye', Numukobwa yanditse ibyo yabonye mu 1994

KAMBANDA NOEL

***Ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yatangiraga, Numukobwa Assumpta yari umunyeshuri muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda mu mwaka wa mbere. Yabonye ibyo amaso ye atari yiteguye kubona.***

Nk'umukobwa wari ukiri muto, Numukobwa yari afite inzozi z'ibyo Kaminuza izamugezaho na we akamurikira rubanda dore ko intego ya kaminuza yari kuba "Urumuri n'agakiza bya rubanda" ("Illuminio et salus populi") ariko ibyo yabonye byari agahomamunwa aho abarimu bica abanyeshuri, abanyeshuri bakica abarimu, abanyeshuri bakica abakozi, abanyeshuri bakica abanyeshuri bagenzi babo.

Nyuma yo gutanga ubuhamya ahantu hatandukanye, Numukobwa Assumpta yumvise bidahagije icyari ubuhamya abihindura igitabo yise "L'Universite m'a Trahi- Rescapée, Fils de Mon Père." Hari uwakwibaza impamvu yongeyeho Fils de Mon Père kandi ari igitsina gore: Ayo magambo yayabwiwe na se nyuma yo kubura basaza be ubwo umubyeyi we yabwiye umushyitsi ati uyu ni we muhungu nsigaranye.

Iki gitabo Numukobwa Assumpta yagishyize hanze ku wa Gatanu tariki ya 27 Gashyantare 2026, ku rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali. Uyu muhango witabiriwe na Ministiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene, abo mu muryango we n'abandi.

Igitabo cya Numukobwa kigaragaza ko amashuri menshi atari yo atuma umuntu agira ubumuntu, kuko abari bafite amashuri menshi babaye nk'inyamaswa batagira ubumuntu.

Mu gitabo cye kandi, agaruka ku muco mubi yasanze muri Kaminuza wo « Kubatiza » witwaga ko ari ukumenyereza abanyeshuri bashyashya wakorwaga n'abiyitaga abakonari dore ko harimo ubugome bwinshi n'ingengabitekerezo bwo gukubita no gukomeretsa.

Nubwo yabashije kurokoka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yamusigiye ibikomere by'umubiri ariko ntibyamubujije guharanira kubaho, ubu akaba ari umubyeyi w'abana batatu, afite Icyiciro cya 3 cya Kaminuza mu bijyanye no gucunga umutungo, akora mu




Numukobwa Assumpta yamuritse igitabo kigaruka ku buhamya mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ubwo yari muri Kaminuza

mabanki.

Numukobwa agaragaza ko abanyabwenge bari barabaswe n'ingengabitekerezo ariko bikagaragara ko ari byo bize bakiri batoya bakabikuriramo guhera muri 1959.

Kwica Abatutsi muri Kaminuza y'u Rwanda byatangiye ku ya 20/4/1994, mu nkengero za Butare ibitero no gutwika inzu byatangiye kuva babuza abantu kongera kuva mu ngo zabo ku wa 7 Mata 1994. Mu Mujyi wa Butare uwari Perefe waho Habyarimana Jean Baptiste (yari afite akazina k'akabyiniriro ka « Sacré ») yakomeje kwamagana abakurura ibikorwa by'urugomo n'abashaka kwica abandi bituma ubwicanyi butinda kwitabirwa mu Mujyi wa Butare ugereranyije n'ahandi mu Gihugu kugeza ku itariki ya 18/4/1994 yari akivuga ko ibikorwa bihamagarira Abahutu kwica Abatutsi ari amateshwa.

Ku ya 19/4/94 Perezida Sindikubwabo na Ministiri w'Intebe Kambanda Jean byarabahagurukije bigira i Butare, aho bavuka, babwira abaturage ko kwigira ntibindeba ari ubugwari, ahandi kwica Abatutsi bigeze kure

Abategetsi mu nzego zitandukanye bahise bahaguruka: ba Superefe, ba Burugemesitiri, ba Konseye, abasirikare, abajandarume n'abapolisi ba Komini, bayobora ibitero. Perefe utarabyemeraga aratangwa baramwica n'umuryango we.

Abanyeshuri ba Kaminuza bamwe bari mu biruhuko, ariko hari n'abasigaye kuri Kaminuza, abari hanze rero bihutiye kugaruka i Ruhande mu kigo cyabo, cyane cyane ko Kaminuza yari igikora ntacyo bahaburira nk'ibibatunga n'ibindi, ariko banibwiraga ko iwabo w'intiti nta marorerwa nk'ayo yahakorerwa.

Abanyeshuri bigaga muri Campus ya Nyakinama mu Ruhengeri bari barahungiye i Butare. Gusanga bagenzi babo muri Campus, ahubwo bwari nk'uburyo bw'amakiriro.

Vice- Recteur wa Kaminuza Nshimyumuremyi, yashishikarije n'abari basigaye hanze ngo bihutire kugaruka mu kigo kuko hari umutekano. Urutonde rw'amazina y'Abatutsi n'ibyumba batuyemo byari byarakozwe kera, abantu bagiye bohererezwa amafishi buzuza agaherekezwa na fotokopi y'indangamuntu ku mpamvu za nyirarureshwa.

Umubare utubutse umaze kugera muri Kaminuza, bashyizeho bariyeri ku irembo rya Kaminuza, bashyiraho izindi imbere ya Laboratoire Universitaire no ku Mukoni, maze Kaminuza iba igiye mu kato.

Abanyeshuri b'Abahutu bo ntibari babujijwe gusohoka batangiye kujya mu tunama mu kigo cya gisirikare cyatozaga ba sous offiers (ESO) banoza umugambi w'uburyo bazica abanyeshuri b'Abatutsi bo muri Kaminuza.

Ndetse n'uburyo ishyamba ry'Arboretum rizakorwamo umuganda wo guhiga abandi baturage b'Abatutsi baba baryihishemo kandi koko hari benshi. Abanyeshuri bishwe mu matariki 20 na 21/4/1994.

Nyuma y'iryo yicwa hasigaye igikorwa cyo kuvumbura no kwica abari bakiri mu ishyamba; byafashe umwanya utari muto kuko mu kwezi kwa Gatanu ni bwo Burugumesitiri Kanyabashi, abifashijwemo na Mutwewingabo Bernard wa Doyen wa Faculté y'Agronomie bateguye Umuganda udasanzwe bakoranya abaturage b'Imirenge ya Mbazi, Kaburemera, Mpare, Tumba na Cyarwa bagota ishyamba ry'Arboretum bitwaje impiri n'imipanga, bafatanye amaboko ngo hatagira uza kubona aho amenera, bahuriza muri Campus nyirizina.

Mu bari bahihishe harokotse bake cyane. Abaguye aho ni benshi imirambo yabo yashyinguwe mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Ngoma.

Ibikorwa bya Jenoside byahagaze ku wa 4/7/1994, ubwo Umujyi wa Butare wafatwaga n'Inkotanyi.

Abari bayoboye ubwicanyi ni uwitwa Kigabo, Porofeseri muri siyansi, Chef du Personnel muri Université Denys Mutagoma, Chef des Traveaux Ndutiye François, Nshimiyimana Berchimas wari Vice Recteur Administratif et Financier, Capitaine Ildephonse Nizeyimana, Rwanyonga wigaga i Ruhande ari umusirikare, Abanyeshuri b'Abahutu n'Interahamwe zari zicumbitse mu mazu bitaga aya ONU yari yaraguzwe na Georges Rutaganda; Docteur Ndindabahizi, wakoreraga ONAPO yapakiraga interahamwe zivuye i Tumba zigabye ibitero muri Kaminuza n'i Cyarwa.

Mu manza zabereye Arusha zagarutse ku bwicanyi bwabereye muri Kaminuza cyane cyane mu rubanza rwa Nyaramasuhuko Paulina n'umuhungu we Shalom Ntahobari, ndetse n'umugore we uri kuburanishwa mu Rwanda nyuma yo koherezwa n'Amerika Beatrice Munyenyezi rugaragaza urupfu rw'agashinyaguro abanyeshuri bo muri Kaminuza bahuye na rwo, dore ko abakobwa bafashwe ku ngufu dore ko abo bose uko ari batatu bibahama.

Uwari ukuriye Kaminuza y'u Rwanda yari Ntahobari Maurice umugabo wa Pauline Nyiramasuhuko.

Muri Kaminuza y'u Rwanda hari urwibutso rwa Jenoside ruruhukiyemo imibiri isaga 400 y'abanyeshuri, abakozi n'abarimu biciwe mu cyari Kaminuza Nkuru y'u Rwanda.

Minisitiri Dr. Bizimana yasabye abab yeyi guha abana urugero rwiza, asaba n'abandi bafite amateka ku Rwanda kwandika ibitabo bishingiye ku kuri, agira ati: "Nimwandike ibitabo mugere ikirenge mu cya [Numukobwa] Assumpta n'abandi banditsi bagaragaza amateka ashingiye ku buhamya bw'ibyabaye n'ibimenyetso bifatika".

Yashimye abana bakomoka ku bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 biyemeje kwigira ku mateka bakareka urwango bakuze bigishwa, avuga ko bakwiye kubera urugero rwiza abandi bana bagishyigikira urwango rw'ababyeyi bayigizemo uruhare.

# Abayisilamu 50 mu Rwanda biyandikishije kwitabira Umutambagiro Mutagatifu i Makkah

MUTETERAZINA Shifah

***Abayisilamu bagera kuri 50 bo mu Rwanda ni bo bamaze kwiyandikisha mu bazitabira Umutambagiro Mutagatifu (Hijja) uteganyijwe hagati y'itariki 17 Gicurasi 2026 kugeza ku ya 4 Kamena, mu gihe biteganyijwe ko bazagaruka i Kigali tariki ya 06 Kamena 2026.***



Aba ni bamwe mu bayisilamu batwawe na RwandAir bagiye mu Mutambagiro Mutagatifu

Umuyobozi wungirije w'Inama y'Abashehe (Sheikhs) mu Rwanda akaba n'ushinzwe gutegura Umutambagiro Mutagatifu ku Banyarwanda, Sheikh Murangwa Djamilu yavuze ko u Rwanda rwemerewe kohereza i Makkah abatarenze 450.

Umutambagiro mutagatifu uzwi nka Hijja ni urugendo rukorwa n'Abayisilamu bose ku Isi berekeza mu Mujyi wa Makkah (Mecca) muri Arabie Saoudite, bikaba ari itegeko kuri buri muyisilamu ufite ubushobozi bw'imbaraga z'umubiri n'iz'amafaranga.

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, Sheikh Murangwa yavuye imuzingo icyo uyu mutambagiro usobanuye n'uko abawitabira bunguka andi mazina y'icyubahiro.

Yagize ati: "Icya mbere itegeko rya Isilamu rireba umuntu ufite imyaka y'ubukure warenze imyaka yo kwitwa umwana; si itegeko ku mwana, si itegeko kandi ku muntu ufite uburwayi bwo mu mutwe. Ikindi kandi ku badafite imbaraga z'umubiri bari mu zabukuru cyangwa bafite ubumuga bw'ingingo bashyiriweho uburyo bwo gukora umutambagiro aho bahabwa utugare kugira ngo babashe kuzuza iyo nkingi ya gatanu."

Sheikh Murangwa akomeza avuga ko buri gihugu kiba gifite umubare ntarengwa w'abantu bacyo cyagenewe kujyana kuko bitemewe ko umuntu ajya gukora umutambagiro mutagatifu ku giti cye yijyanye atajyanye n'itsinda ry'abaturutse mu gihugu runaka bikaba kandi bibujijwe ko Igihugu cyajyana umunyamahanga.

**U Rwanda rufite umwihariko wo gutwara abanyamahanga**

Sheikh Murangwa avuga ko mu bihugu bya Afurika y'Iburasirazuba u Rwanda ari cyo gihugu cyonyine gifite umwihariko wo kujyana Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga.

Ati: "Mu bihe bya kera ibihugu byemererwaga gutwara abanyamahanga baza kubikuraho kuko byagaragaye ko hari abanyagihugu batabonaga ayo mahirwe kubera ko abanyamahanga babaye benshi kandi batanga amafaranga menshi kuko hari ibihugu biba bifite abayisilamu benshi ku buryo umubare bemerewe wuzura bakajya guhagurukira mu bindi bihugu biza guhagarikwa."

Yongeraho ati: "U Rwanda rwabyemerewe kubera imikoranire myiza yacu na Minisiteri ya Hijja, ikindi kandi ibindi bihugu hari ubwo byakoraga uburiganya ariko twebwe bazi ko u Rwanda ari igihugu kigendera ku mategeko no kuba tugifite abantu bacyeya ugereranyije n'ibindi bihugu biri mu byabiteye."

Uretse u Rwanda ibindi bihugu byemerewe kujyana abanyamahanga birimo Malawi, Zambia, Madagascar kubera ko bifite umubare muke w'Abayisilamu bivuze ko kuri ibyo bihugu birashoboka ko abanyagihugu bagenda n'abanyamahanga bakagenda ntabavukijwe uburenganzira bwo kugenda.

Mu Rwanda hamaze igihe handikwa abayisilamu bifuza gukora Umutambagiro Mutagatifu mu 2026, aho biteganyijwe ko bizarangira 09 Werurwe 2026.

Abiyandikishije bazatangira kwiga inyigisho zijyanye n'uko bazitwara no kumenyeshwa imiterere ya Arabia Saoudite baba bagiye kujyamo izwiho gushyuha cyane.

Sheikh Murangwa avuga ko muri uyu mwaka bagerageje gushyiramo impinduka mu gutegura aho abitabiriye urwo rugendo bazaba bacumbitse nk'uko byari mu byo bari barasabye.

Ati: "Muri uyu mwaka umwihariko uhari, ni uko ku bijyanye n'icumbi bacumbikagamo ubushize ryari kure y'aho bakoreraga isengesho ariko ubu twigiye hafi ku buryo bitwara munsi y'iminota itanu kuhava ujya aho basengera.

Hongerewe igihe cyo kuruhuka mu gihe bavuye ahantu bajya ahandi mu mutambagiro, urugero iyo bavaga ahitwa Minna, baruhukaga umunsi bakajya i Madina ariko ubu bazajya baruhuka iminsi ibiri kuko baba bakoze akazi katoroshye babone kwimuka."

**Ese iyo umuntu agiye i Makkah akurayo amafaranga?**

Sheikh Murangwa avuga ko iyo nkingi ibera itegeko abantu Imana yahaye Ingabire y'ubukungu bamwe bitwa abaherwe kuko bisaba ko ujya i Makkah wiyishyuriye amafaranga agera ku 7 800 by'Amadolari ya Amerika (ni ukuvuga miliyoni zisaga 11 z'amafaranga y'u Rwanda) akubiyemo igiciro cy'Urugendo, Amacumbi, Amafunguro n'izindi serivisi zisabwa muri Hijja bivuze ko batayazana ahubwo bayatanga.



Abanyarwanda bagera kuri 50 ni bo bamaze kwiyandikisha kujya i Makkah,akaba arinigikorwa kigikomeza





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Ifaranga koranabuhanga rizoroshya byinshi*

U Rwanda ruri mu bihugu byinshi ku Isi bikomeje kugerageza ifaranga koranabuhanga ritangwa na Banki Nkuru y'Igihugu (CBDC), akaba ari amafaranga akorana n'afatika ndetse akaba adashobora guta agaciro ku muntu uyatunze.

Kuri ubu u Rwanda rwasoje icyiciro cya mbere cy'igerageza, hakaba hakurikiyeho igeragezwa rusange mu baturage. Abenshi bakomeza kwibaza uburyo iryo faranga koranabuhanga rizakomeza gukorana n'amafaranga asanzwe ndetse n'aho rizaba ritandukaniye n'amafaranga ahererekanywa kuri telefoni.

Intambwe u Rwanda ruteye irashimangira icyerekezo cyarwo cyo gukomeza koroshya serivisi zose hifashishijwe ikoranabuhanga, hadasigaye n'izitangirwa mu rwego rw'imari.

Igitekerezo cyo gukoresha ikoranabuhanga mu mafaranga, gitandukanye no kurikoresha mu ihererekanywa ryayo bizwi nka Mobile Money.

Amafaranga koranabuhanga yatangiye nyuma y'ubushakashatsi bwakozwe n'uwitwa David Chaum wo muri Kaminuza ya California (UC Berkeley) mu 1982, wagaragaje uburyo sisitemu za mudasobwa zishobora kwizerwa n'abantu batizerana mu mafaranga.

Mu myaka ya 1990, Chaum yashyizeho ikigo DigiCash cyageragezaga amafaranga y'ikoranabuhanga, ariko nticyakomeza kubera ibibazo by'ubukungu.

Mu 2008, umuntu cyangwa itsinda rizwi nka Satoshi Nakamoto ryasohoye ifaranga koranabuhanga ryiswe 'Bitcoin Whitepaper', risobanura uburyo bwo guhererekanya amafaranga nta banki cyangwa Leta ibigenga.

Mu 2009, hashyizweho Bitcoin Blockchain, ari na bwo ifaranga koranabuhanga ryatangiye ku mugaragaro.

Ifaranga koranabuhanga ritangwa na Banki Nkuru z'Ibihugu (CBDC) ryo ritandukanye n'iritangwa n'ibigo byigenga, kuko rikorana n'amafaranga afatika kandi rigatanga inyungu zisumbuye.

Aho iri faranga ritandukaniye na cryptocurrencies, riba rifite umutekano kandi rishobora kuvunjwa mu mafaranga afatika. Intego nyamukuru y'aya mafaranga ni ukurushaho guteza imbere no koroshya uburyo bwo kwishyura, kunoza urwego rw'ikoranabuhanga rudaheza no kugabanya ikiguzi cyo guhererekanya amafaranga.

Kohereza cyangwa kwakira amafaranga bikorerwa ako kanya, bitandukanye n'amabanki asaba igihe kinini, kandi amafaranga yishyurwa mu guhererekanya (transaction fees) aba ari make ugereranyije n'amabanki, uburyo bwa Mobile Money cyangwa ubundi buryo bwo guhererekanya amafaranga hifashishijwe ikoranabuhanga.

Abantu badafite konti mu mabanki bashobora gukoresha ifaranga koranabuhanga binyuze kuri internet, bikababafasha kwinjira mu bukungu mpuzamahanga.

# U Rwanda rwatangije eADN ipima itandukanya ibinyabuzima muri Pariki y'Ibirunga



Impuguke zirimo gukusanya utunyangingo ndangasano tugaragaza ibinyabuzima bibarizwa muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga

ZIGAMA Theoneste

***U Rwanda rwatangije uburyo bw'ikoranabuhanga mu bushakashatsi ku binyabuzima biri muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga hakoreshejwe uburyo bwo gupima uturemangingo ndangasano tw'imibiri y'inyamaswa n'ibindi binyabuzima hagamijwe kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima ryiswe Environmental DNA (eDNA).***

Ni uburyo bwatangijwe buzajya bukoreshwa mu butaka no mu mazi aho ibyo binyabuzima bikunda kuba muri iyo Pariki.

Mu ntangiriro za Gashyantare, abafatanyabikorwa bahuguye inzobere z'u Rwanda ku ikoreshwa rya eDNA mu kubungabunga ibidukikije, uburyo bushingiye kuri siyansi bugaragaza ibisigazwa by'uturemangingo ndangasano (DNA) ibinyabuzima bisiga mu bidukikije.

Ibyo bisigazwa biva ku duce tw'uruhu, amacandwe, imyanda (amase) cyangwa ibisigazwa by'ibinyabuzima byapfuye bishobora kugaragaza amoko y'ibinyabuzima ahari, kabone n'iyo yaba adakunze kuboneka cyangwa agahita aboneka mu bushakashatsi busanzwe.

Iri koranabuhanga riri gushyirwa mu bikorwa binyuze muri gahunda ya TUI Wildlife Programme, ku nkunga ya TUI Care Foundation, rishyirwa mu bikorwa na African Wildlife Foundation (AWF) ku bufatanye n'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Iterambere (RDB) hamwe na Dian Fossey Gorilla Fund.

Izo nzego zitangaza ko ubwo buryo bushya bugamije kongerera imbaraga uburyo bwo kumenya no kubara amoko y'ibinyabuzima, gutahura hakiri kare ibimenyetso by'ihungabana ry'urusobe rw'ibinyabuzima no gushyiraho amakuru yizewe afasha mu gufata ibyemezo birengera ubuzima butandukanye bwo mu misozi miremire ya Pariki y'Igihugu y'Ibirunga.

Umuhuzabikorwa wa AWF mu Rwanda, Patrick Nsabimana yagize ati: "Mu gusesengura gusa amazi n'ubutaka, turi gufungura igice gishya mu kubungabunga ibidukikije, aho abahanga b'Abanyarwanda babikora hifashishijwe amakuru yizewe mu kurengera buri bwoko bw'ibinyabuzima bubarizwa muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga."

**Uko eDNA ihindura ibyo abantu bashobora kubona**

Umuryango mpuzamahanga wita ku bidukikije (World-wide Foundation/WWF), uvuga ko mu myaka myinshi ishize, gukurikirana no kubara amoko y'ibinyabuzima byashingiraga ku kubyitegereza imbonankubone, bukaba ari ubushakashatsi bukorwa n'amaso, gukoresha imitego ya camera (camera traps), no kumva no gusesengura amajwi y'inyamaswa.

Uwo muryango uvuga ko nubwo ubu buryo bugifite akamaro kanini, busaba igihe kinini kandi hari amoko y'ibinyabuzima bushobora kutabasha kubona, cyane cyane ayihisha cyangwa atagaragara kenshi.

eDNA izana ubundi buryo bushingiye ku rwego rw'uturemangingo (molecular lens), igahamya ko ibinyabuzima bihari binyuze mu bimenyetso ndangasano (genetic signals), kandi igatanga uburyo bwunganira ubusanzwe, budahutaza ibidukikije kandi budahenze cyane.

Mu gace nka Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, ahari imisozi ihanamye, ibimera byimeza cyane, n'imipaka y'ahantu hatuwe n'ibinyabuzima ihindagurika, ibyo bishobora guhisha impinduka mu bidukikije.

Abahanga mu kubungabunga ibidukikije bahamya ko kuba ushobora gusuzuma ibidukikije ukoresheje ibisigazwa byabyo byongera amahirwe yo gutahura ibintu bishobora kuba byasigaye bitagaragaye.

Ibi birimo n'ibinyabuzima bito bifatiye runini urusobe rw'ibinyabuzima, ndetse n'amoko y'ibinyabuzima adakunze kuboneka, akenshi aba ari yo abanza kubura iyo ibidukikije bitangiye kwangirika.

**Ubushakashatsi muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga busanzwe bukorwa**

Pariki y'Igihugu y'Ibirunga isanzwe ikorerwamo ubushakashatsi aho mu gihe kirenga imyaka 20, ikigega cyashinzwe n'Umunyamekirikakazi wakoze ubushakashatsi bwa mbere ku ngagi zo muri iyo Pariki, Dian Fossey, cyiswe Dian Fossey Gorilla Fund, cyayoboye ubushakashatsi n'igenzura muri Pariki yose, cyubaka uburyo buhamye bwo gutanga amakuru arambuye kurusha ayandi yose atangwa ku bidukikije mu Karere.

Abashakashatsi bakurikiranye inyoni, inyamaswa z'inyamabere, ibikururanda n'intondagizi, udukoko, ibimera, ibishanga ndetse n'imiterere y'aho ibinyabuzima bituye bityo bakaba baranditse impinduka zabaye mu bidukikije uko imyaka yagiye ishira.

Inzego zibishinzwe zitangaza ko akamaro ka eDNA atari ugusimbura ubu buryo busanzwe bw'ubushakashatsi, ahubwo ari ukubwongerera imbaraga.

Mu kuyihuza n'uburyo busanzwe bwo mu murima n'ubushingiye ku byuma bifata amakuru, abafatanyabikorwa mu kubungabunga ibidukikije bagamije kubaka inkomoko yuzuye y'amakuru ku moko y'ibinyabuzima, afasha mu micungire ishobora guhindurwa bitewe n'uko ibidukikije bihinduka muri Pariki y'Igihugu y'Ibirunga.

UBWANDITSI

# Abanyeshuri bo muri Norvege mu rugendoshuri rwo kwiga amateka n'ubudaheranwa

***Abanyeshuri 17 n'abarimu babo bo mu ishuri rya Tangen High School ryo mu gihugu cya Norvege bari mu Rwanda mu rugendoshuri rw'icyumweru, rugamije kumenya no gusobanukirwa amateka yarwo n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.***

Ni muri gahunda yiswe "Visit Rwanda Educational Tour Initiative", igamije kwiga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, gusobanukirwa urugendo rw'u Rwanda rwo kwiyubaka mu bumwe n'ubwiyunge, no kumva inshingano z'urubyiruko mu kubaka amahoro arambye.

Iyi gahunda yateguwe n'umuryango "Ishami Foundation" ku bufatanye n'Aegis Trust, igamije guhuza uburezi ku mateka ya Jenoside, gusura inzibutso, kuganira n'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kugirana ibiganiro n'inzego za Leta ku miyoborere, ubutabera no gukumira Jenoside.

Umuyobozi wa Ishami Foundation Eugene Murangwa yatangaje ko urwo rugendo rugamije, kongerera abanyeshuri ubumenyi ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, gusesengura uruhare mpuzamahanga n'aho inzego zananiwe gukumira Jenoside, gusobanukirwa ingamba z'u Rwanda mu bumwe n'ubwiyunge, guteza imbere ibiganiro by'urubyiruko ku miyoborere n'ubwenegihugu no gutoza urubyiruko ubutwari bwo guharanira ukuri



Abanyeshuri bo muri Norvege bari mu rugendoshuri ruzamara icyumweru mu Rwanda, basobanurirwa amateka na gahunda y'ubumwe n'ubudaheranwa

no gukumira amacakubiri.

Ibi byose bigaragaza ko kwibuka atari ugutekereza ku byabaye gusa, ahubwo ari no gufata inshingano zo kubaka ejo hazaza hazira amacakubiri.

Abanyeshuri basuye ahantu hatandukanye hafasha gusobanukirwa amateka ya Jenoside, harimo ETO Kicukiro (ubu ni IPRC Kicukiro), urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza ya Kicukiro n'Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi mu Karere ka Gasabo.

Muri ETO Kicukiro, bahawe ubuhamya ku ngaruka zo gutereranwa n'umuryango mpuzamahanga mu 1994, n'inshingano z'ubuyobozi n'abaturage mu bihe by'amage.

Ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, bigishijwe ku mizi y'amacakubiri, uko Jenoside yateguwe ikanashyirwa mu bikorwa, n'uko Isi yabyitwayemo.

Basuye kandi SEVOTA – Garden of the Righteous, ikigo cyita ku kuzirikana abagize ubutwari mu kurokora abandi no gufasha abarokotse cyane cyane abagore.

Muri urwo rugendo abo banyeshuri bateye ibiti nk'ikimenyetso cy'ubushuti, amahoro n'ubwiyunge. Abo banyeshuri banitabiriye Umuganda i Nyamata mu Karere ka Bugesera, bafatanyije n'abaturage n'abayobozi b'Inzego z'ibanze, bibereka akamaro k'ubufatanye mu kubaka igihugu.

**Babonye ko iterambere n'ubwiyunge bushingira ku ruhare rwa buri muturage**

Bagiranye kandi ibiganiro n'inzego za Leta zirimo Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ibiro by'Umuvugizi wa Guverinoma.

Ibiganiro byibanze ku bumwe bw'Abanyarwanda (kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda), diplomasi y'u Rwanda nyuma ya Jenoside, n'uruhare rw'itangazamakuru mu kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside.

Igice cy'ingenzi cy'uru rugendo ni uguhura kw'aba banyeshuri n'abo muri Rwanda Children Christian School y'i Ntarama mu Karere ka Bugesera, rikorera mu Muryango Gasore Serge Foundation.

Ibiganiro byabo bigamije gusangira ubumenyi ku mateka, indangagaciro z'ubumwe n'uruhare rw'urubyiruko mu gukumira amacakubiri n'urwango.

Bakoze ibikorwa bitandukanye birimo ibiganiro, imikino, n'amasomo ku buyobozi bw'urubyiruko n'ubwiyunge bushingiye ku mateka.

Nyuma y'uru rugendo, biteganyijwe ko abanyeshuri bazaba bafite ubumenyi buhagije ku mateka ya Jenoside, gusobanukirwa imiyoborere ishingiye ku butabera n'ubwiyunge, no kwiyemeza kuba abayobozi b'ejo hazaza bashyira imbere amahoro n'ubwenegihugu bufite inshingano.

Iki gikorwa kigamije kandi gushyiraho ubufatanye burambye hagati y'amashuri yo mu Rwanda n'ayo mu mahanga, hagamijwe guteza imbere uburezi ku mateka ya Jenoside no gutoza urubyiruko uruhare mu gukumira Jenoside ku Isi hose.

# Imvura yaguye muri Gashyantare yishe abantu 11 ikomeretsa 49

KAMALIZA Agnes

***Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi, (MINEMA) yatangaje ko imvura yaguye mu Gihugu hose kuva ku wa 01 kugeza ku wa 22 Gashyantare 2026, imaze guhitana abantu 11, abandi 49 barakomereka ndetse yangije n'ibikorwa remezo bitandukanye.***

MINEMA igaragaza ko iyo mvura yangije imyaka iri ku buso bwa hegitari 130, inzu 147 zirangirika, isenya ibyumba by'amashuri 9 n'imihanda 19, isenya ibiraro 21 ndetse yishe amatungo 21.

Bivugwa ko abantu umunani bishwe n'inkuba, babiri bahitanwe n'inkangu, mu gihe undi umwe yishwe n'amazi yatewe n'imyuzure.

Akarere ka Rutsiro ni ko kagize umubare munini w'abantu bapfuye ahabaruweyo batanu, kagakurikirwa na Nyarugenge hapfuye batatu, n'abandi babiri bapfiriye mu Karere ka Huye.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) giherutse kuburira abaturarwanda ko kuva mu mpera za Gashyantare kugeza muri Gicurasi, hate-

KOMEZA KU RUP.9







Abantu bagirwa inama yo kwitwararika bakirinda ibiza by'umwihariko biterwa n'imvura nyinshi

# Imvura yaguye muri Gashyantare yishe abantu 11 ikomeretsa 49

IBIKURIKIRA URUP.8

ganyijwe imvura izaba iri hejuru y'ikigereranyo gisanzwe.

Meteo Rwanda yavuze ko imvura izagwa izaba iri hagati ya milimetero 280 na 800, ikaba iri hejuru gato y'ikigereranyo cyari gisanzwe kiri hagati ya milimetero 270 na 770.

Hagati yo ku wa 21-28 Gashyantare, hitezwe imvura iri hagati ya milimetero 80 na 150, ikaba iri hejuru cyane y'ikigereranyo cy'imyaka 30 ishize cyari hagati ya milimetero 10 na 80.

MINEMA kandi yateguje ko hashobora kuba ibiza birimo inkangu, imyuzure, inkuba n'umuyaga mwinshi kandi bishobora kuzateza imfu no gukomereka, gusenyuka kw'ibikorwa remezo n'ibindi.

Abanyarwanda bagirwa inama yo kwimuka ahantu hashyira ubuzima bwabo mu kaga, kugenzura inzu batuyemo no kuzizirika ibisenge, guca inzira z'amazi, kwirinda kujya mu mvura, ababyeyi n'abarezi bagafasha abana babo bajya ku mashuri no kwirinda ibindi bikorwa byatuma bahasiga ubuzima.

Abaturage kandi basabwa kwirinda gukoresha ibishanga n'inzira zirimo amazi menshi mu gihe cy'imvura, gutwara ibinyabiziga bitonze mu mihanda inyerera, kurinda abana gukinira mu byobo n'imiferege irangaye, kwitondera ibikoresho by'amashanyarazi mu gihe cy'inkuba, no kwirinda insinga z'amashanyarazi zaguye hasi.

Abayobozi b'Inzego z'ibanze basabwa kongera imbaraga mu gukumira ibiza binyuze mu muganda; basibura imiyoboro y'amazi, kwimura by'agateganyo imiryango ituye mu bice bishobora kwibasirwa n'ibiza, gutegura uburyo bwihuse bwo gutabara, kumenya ahantu hashobora kwibasirwa n'ibiza, no gufasha abaturage gushyira mu bikorwa ingamba zo kwirinda.

# U Rwanda rwakiriye impunzi n'abimukira 164 baturutse muri Libya



U Rwanda rwongeye kwakira impunzi n'abimukira baturutse muri Libya

SHEMA Ivan

***Guverinoma y'u Rwanda yakiriye irindi tsinda ry'impunzi n'abimukira 164 baturutse muri Libya, basaba ubuhungiro.***

Aba bimukira bageze mu Rwanda mu ijoro ryo ku wa 25 Gashyantare 2026. Barimo Abanya-Eritrea 19, abo muri Sudani 143, Umunya-Ethiopia umwe n'Umunya-Sudani y'Epfo umwe.

Impunzi zakiriwe zajyanywe mu Nkambi y'Agateganyo ya Gashora iherereye mu Karere ka Bugesera, ari naho bazacumbikirwa mbere yo gushakirwa ibindi bihugu bajyamo.

Ku wa 10 Nzeri 2019 ni bwo Guverinoma y'u Rwanda, AU na HCR byashyize umukono ku masezerano y'imyaka itatu, yo kwakira impunzi n'abasaba ubuhungiro i Gashora mu Karere ka Bugesera.

Ni amasezerano yongerewe ku wa 23 Kanama 2024, aho yashyizweho umukono n'Ambasaderi w'u Rwanda muri Ethiopia, Rtd Gen Maj Charles Karamba.

Ni Abanyafurika bagenda baturuka mu bihugu byinshi birimo umutekano muke, ntibashobore kuhabonera ubwisanzure n'amahoro bakeneye, ndetse abenshi muri bo bakananirwa kwambuka Inyanja ya Méditerranée ngo bajye i Burayi nk'uko babyifuza, ahubwo bakisanga bafungiwe muri Libya.

Imibare yo kuva mu 2019, igaragaza ko u Rwanda rumaze kwakira impunzi n'abimukira bakabakaba 3 000. Muri bo, abasaga 2 500 bamaze kwakirwa mu bindi bihugu birimo Suède, Canada, u Buholandi, u Bubiligi, Amerika n'ibindi.

Benshi muri izi mpunzi ni izikomoka mu bihugu nka Eritrea, Sudani, Somalia, Ethiopia na Sudani y'Epfo, n'ubwo hari n'abandi bake baturuka mu bindi bihugu bya Afurika y'Uburengerazuba.

U Rwanda rwakira aboherejwe ku bushake bwabo, kandi iyo bahageze bahabwa ibyangombwa byose nkenerwa ku bufatanye na UNHCR mu gihe bagitegereje kubona ibihugu by'i Burayi n'Amerika byemera kubakira bikabatuza mu buryo buhoraho.

# Paris: Muhayimana yongeye gusabirwa gufungwa imyaka 14

NTAWITONDA Jean Claude

***Urukiko rw'Ubujurire rwa Rubanda rwa Paris mu Bufaransa bwakatiye Muhayimana Claude w'imyaka 65 y'amavuko igihano cy'igifungo cy'imyaka 14 nyuma yo guhamwa n'ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ajuririra ko atayikoze kandi byaramuhamye mu mwaka wa 2021.***

Urubanza rw'ubujurire rwabereye i Paris mu Bufaransa ku wa Kane tariki ya 26 Gashyantare 2024, Muhayimana yakatiwe imyaka 14 n'Urukiko rwa Rubanda rwa Paris nyuma yo guhamwa n'ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ibyibasiye inyoko muntu.

Muri uru rubanza rw'ubujurire rwatangiye ku wa 3 Gashyantare, Muhayimana yakomeje kwiregura ku byaha ashinjwa gukorera mu Bisesero ku Kibuye, hagati y'ukwezi kwa Mata na Kamena 1994.

Muhayimana amaze guhamwa n'ibyaha yashinjwaga, yahise ajuririra icyo cyemezo asaba kurekurwa, aza kurekurwa mu mwaka wakurikiyeho ariko akomeza gukurikiranwa n'ubutabera bw'u Bufaransa mu gihe hari hagitegerejwe ko yakongera kugarurwa imbere y'ubutabera.

Intandaro y'ibyaha bya Jenoside Muhayimana ashinjwa

Muhayimana yavukiye mu yahoze ari Komini Gitesi, Perefegitura ya Kibuye (ubu ni mu Karere ka Karongi, Intara y'Uburengerazuba).

Mu minsi ya mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Muhayimana Claude yagiye agaragara ari umushoferi w'imodoka itukura yo mu bwoko bwa Toyota Hilux yatwaraga Interahamwe mu bice bitandukanye byakorerwagamo ubwicanyi nk'uko bishimangirwa n'abatangabuhamya batandukanye n'ibindi bimenyetso bifatika.



Muhayimana Claude yasabiwe igihano cy'igifungo cy'imyaka 14 nyuma yo gushinjwa ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Nanone kandi ashinjwa kuba yararebaga ubwicanyi bwose bwakorwaga kugira ngo aze gucyura abajenosideri basoje ibikorwa bya Jenoside bitaga akazi.

Mu batangabuhamya harimo n'uwahoze ari umugore we ari na we wamuhamije ko yatwaraga Interahamwe muri iyo modoka y'umutuku yitwaga 'Guest House', abo yatwaraga bakaba baragendaga baririmba indirimbo zitera ubwoba zikanatesha agaciro Abatutsi.

Uwari umugore we kandi yatanze ubuhanya bw'uburyo Muhayimana yatwaye n'umujandarume wiciwe mu bitero ajyanywe gushyingurwa.

Nubwo Muhayimana avuga ko atari agifite ubushobozi bwo gukora mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, uwari umugore we yavuze ko yakoranaga n'abayobozi b'Inzego z'ibanze ku buryo bidashoboka ko yari kubura uburyo bwo kubafasha mu byo bakoranaga.

Abandi batangabuhamya, barimo n'uwari inshuti ye, babwiye urukiko rw'ubujurire ko bamubonaga atwaye imodoka akurikiwe n'izindi modoka nyinshi zirimo iza Daihatsu.

Muhayimana avugwaho kuba mu bihe binyuranye yarorohereje cyane Interahamwe kugera mu bice zajyaga kwicamo haba mu misozi ya Karongi na Bisesero akabasubiza mu Mujyi wa Kibuye batashye.

Mu 2001 ni bwo yahungiye mu Bufaransa, nyuma yo kubona ubwenegihugu bw'icyo gihugu mu 2010, maze abona akazi mu Mujyi wa Rouen.

Ibihano yasabiwe ku wa Kane, Muhayimana yari ahibereye asa n'uri kure mu ntekerezo imbere y'imbaga y'abantu bari buzuye mu cyumba cy'iburanisha.

Imiryango iharanira kurwanya Jenoside ivuga ko igihano yasabiwe kidahagije, kuko gutwara abicanyi ukanabarindira ntaho bitandukaniye no kugira uruhare muri Jenoside mu buryo butaziguye.

Ababuranira Muhayimana basabye ko akwiye kurekurwa, bahamya ko ibimenyetso bitangwa ku ruhare rwe bidahagije ndetse ko n'ubuhamya bwatanzwe n'abamushinja butapfa kwizerwa.

Abo bavoka bavuze ko bumwe mu buhamya bwatanzwe budashingiye ku bihamya bifatika, bityo bikaba ari ibinyoma babona byahimbiwe guharabika umukiliya wabo.

Bavuze ko amatariki atangwa n'abatangabuhamya adahura, ahubwo bavuga ko Muhayimana yabanaga neza n'abaturanyi b'Abatutsi icyo gihe, akaba yaranagerageje gufasha bamwe muri bo gucika Interahamwe.

Muhayimana yatawe muri yombi ku wa 9 Mata 2014 na Polisi y'u Bufaransa nyuma y'ikirego cyatanzwe na Komite ishinzwe guharanira Uburenganzira bw'Abaturage. Yarekuwe ku wa 10 Mata 2025, ashyirwa mu gihano cyo gufungirwa mu rugo ubwo yari akirimo gukorwaho iperereza.

Yatangiye urubanza ku wa 22 Ugushyingo 2021, rusomwa ku wa 16 Ukuboza 2021, aho yakatiwe imyaka 14 y'igifungo. Mu bujurire, urukiko rw'ubujurire na rwo rwasomye imyanzuro ku wa Gatanu tariki ya 27 Gashyantare 2026, akatirwa imyaka 14.

KAMALIZA Agnes

## Urubyiruko mu ngamba zo gushaka ibisubizo birwugarije ku isoko ry'umurimo

***Gahungu Lambert w'imyaka 30, ni umwe mu rubyiruko rwiyemeje gushakira ibisubizo ubushomeri n'ibibazo byugarije isoko ry'umurimo binyuze mu bushakashatsi bwifashishije ikoranabuhanga no guhanga udushya no kuducuruza.***

Gahungu washinze ikigo "Tajyire Group", gicuruza ibikoresho by'ikoranabuhanga mu Mujyi wa Kigali, kimaze guha akazi abarenga 1000 avuga ko yiyemeje gushyira mu bikorwa politiki ya Leta yo guteza imbere ubukungu n'ubucuruzi, kwihangira imirimo, gukora ibicuruzwa bishya no guhanga udushya.

Nyuma y'amezi akabakaba atanu ashinze ishuri ryigisha gukanika telefone n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga; ubu yafunguye icyumba kizajya gikorerwamo ubushakashatsi n'abo banyeshuri hagamijwe guhanga udushya no kutubyaza umusaruro.

Leta y'u Rwanda yemeje politiki yo guteza imbere ba rwiyemezamirimo bato n'udushya, igamije guhindura ubukungu bw'igihugu bushingiye ku bumenyi n'ikoranabuhanga, binyuze mu gushyigikira ibigo bito n'ibiciriritse (MSMEs), kwihangira imirimo, no guhanga udushya dush-

KOMEZA KU RUP.11







## Urubyiruko mu ngamba zo gushaka ibisubizo birwugarije ku isoko ry'umurimo

IBIKURIKIRA URUP.8

obora gukemura ibibazo biri ku isoko.

Yiyemeje gushyira imbaraga mu guhugura urubyiruko binyuze mu bigo by'ikoranabuhanga n'amashuri y'imyuga (TVET) kugira ngo ruzabashe guhatana ku isoko ry'umurimo rigezweho.

Agaruka ku ngamba yafashe mu guhangana n'ibibazo byugarije isoko ry'umurimo, Gahungu yagize ati: "Twafunguye ishuri ryigisha ibyo dukorera mu isoko ariko kuri ubu twafunguye icyumba cy'ubushakashatsi ibyo byose tubihuriza hamwe kugira ngo tugabanye ibibazo byari bihari mu myaka yashize."

Yongeyeho ko ikibazo cy'ingutu abona cyugarije Afurika ari ugukoresha udushya twahangiwe ku yindi migabane kandi na bo bifitemo ubwo bushobozi.

Ati: "Muri Afurika ntabwo duhanga udushya ngo tubashe no kuducuruza ariko hano tuzajya duhanga udushya tunadukorere hano tunacururizwe no muri iri soko."

Mu bihe bitandukanye Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo ishishikariza kenshi urubyiruko guhangira Afurika ikoranabuhanga aho guteza imbere iry'ahandi.

Mu mwaka ushize Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo Ingabire Paula, ubwo yari mu gikorwa kigamije gutoza urubyiruko kuba abayobozi beza b'ahazaza ndetse o guhanga udushya yasabye urubyiruko gutinyuka no guharanira gukoresha ikoranabuhanga mu guhanga udushya.

Ni mu gihe no mu myaka ine ishize mu biganiro by'urubyiruko byiswe 'Africa Expects Youth Series' Ingabire yabwiye abitabiriye inama ya "Africa Expects Youth Series" ko ikoranabuhanga atari iry'abaherwe ko n'Abanyafurika bakwiriye guhaguruka bakaribyaza umusaruro.

Yagize ati "Ikoranabuhanga ntabwo ari iry'abaherwe gusa. Twakabaye twibaza icyo twakwikorera aho kwibaza icyo turi gukorera Afurika, kuko Afurika ni twe. Dukeneye kuva mu cyiciro cy'abakoresha ikoranabuhanga tukajya mu cyiciro cyo gukora iryacu tukanariteza imbere."

Urubyiruko mu ikoranabuhanga rugenda rwiyongera binyuze mu mishinga itandukanye ya Leta n'abafatanyabikorwa aho hari gahunda yo kurema inzobere mu ikoranabuhanga zigera ku bihumbi 20 binyuze mu mishinga nka Digital Talent Program (DTP).

# 7FAA 2025-2026: AMIFA yahembewe kubaka urwego rw'imari rudaheza muri Afurika



AMIFA yahembewe ubudashyikirwa mu cyiciro cyo kubaka urwego rw'imari rudaheza muri Afurika

NTAWITONDA Jean Claude

***Atlantique Microfinance (AMIFA), ishami rya Banki Nkuru y'Abaturage yo muri Maroc (Groupe Banque Centrale Populaire) ikorera mu bihugu umunani bya Afurika birimo n'u Rwanda, yahawe igihembo cy'ubudashyikirwa mu cyiciro cyo "Kubaka urwego rw'imari rudaheza muri Afurika."***

Ni ibihembo bihabwa ibigo by'imari biteza imbere urwego rw'imari ku mugabane wa Afurika byiswe "Financial Afrik Awards 2026 (7FAA 2026)", bikaba biheruka gutangirwa mu birori byabereye i Banjul muri Gambia, ku nshuro ya 7, tariki ya 22 na 23 Mutarama 2026.

Atlantic Microfinance For Africa (AMIFA) ni Ikigo cy'Imari gifite imigabane ingana n'amafaranga 897 398 000 dirham angana n'amafaranga y'u Rwanda 354 721 686 644, cyashinzwe na Groupe Banque Centrale Populaire kugira ngo iyobore kandi icunge gahunda zayo zo guteza imbere ibigo by'imari nto n'iciriritse muri Afurika.

Kugeza ubu, amashami ya AMIFA aboneka cyane mu bihugu umunani bya Afurika ari byo Burkina Faso, Côte d'Ivoire, Gabon, Guinea, Madagascar, Mali, Rwanda na Senegal.

Icyo gihembo cy'ubudashyikirwa cyahawe Groupe BCP gishimangira ukwiyemeza no kudatezuka kwa AMIFA mu kwimakaza urwego rw'imari rudaheza n'umusaruro ufatika mu kunoza uburyo bwo kugeza imari ku bigo bito n'ibiciriritse hamwe n'abaturage badafite igishoro gihagije mu Turere twinshi tw'Umugabane wa Afurika.

Bwana Mouhssine Cherkaoui, Umuyobozi Mukuru wa AMIFA Holding, amaze kwakira igihembo, yagize ati: "Iki gihembo gishimangira ubwitange n'akamaro k'ingamba za Banki Nkuru y'Abaturage muri Maroc (Groupe BCP), zishyirwa mu bikorwa binyuze mu ishami ryayo rya AMIFA, mu gushyigikira ubufatanye mu by'imari.

Bigaragaza umusaruro ufatika w'ibikorwa byacu mu kunoza uburyo bwo kubona imari ku bigo bito n'ibiciriritse ndetse n'abaturage badafite igishoro gihagije.

AMIFA irimo gukora cyane kugira ngo igabanye icyuho cy'amafaranga mu nyungu z'ibihumbi amagana by'abakora mu rwego rw'imari n'ubukungu.

Gukomeza gushimangira iterambere mu bihugu bigize Ihuriro ry'Ubukungu n'Imari mu Burengerazuba bwa Afurika (UEMOA), iryo muri Afurika yo Hagati (CEMAC) no mu Nyanja y'u Buhinde.

Bigaragaza intego yacu yo kuba muba mbere nk'umufatanyabikorwa nyafurika ukomeye, wiyemeje, kandi ufite inshingano mu mibereho myiza y'abaturage muri Afurika yose."

Yongeyeho ati: "Dutuye iki gihembo abakiliya bacu bose n'abafatanyabikorwa bacu batwiringira, ndetse n'abakozi bacu barenga 1 100 bashyigikira indangagaciro zacu zo kuba hafi abakiliya, gukorana umurava, guhanga udushya, imikorere hamwe n'ubwitange, ishyaka n'intego buri munsi."

Binyuze muri iki gikorwa cyo gushimira, AMIFA ishimangira umusanzu wayo ufatika nk'umufatanyabikorwa w'ingenzi mu bigo by'imari bito bya Afurika n'intego yayo yo gutanga umusanzu mu buryo burambye mu iterambere ryihariye ry'urwego rw'imari rudaheza, rufata inshingano kandi rwongerera agaciro ubukungu bw'Abanyafurika.

Ibikorwa byo gutanga ibihembo bya Financial Afrik Awards bibaye ku nshuro ya 7, ku nkunga n'uruhare rugaragara rwa Perezida wa Repubulika ya Gambia, Nyakubahwa Bwana Adama Barrow.

Iyi gahunda yashinzwe mu 2018, ikaba yaragiye yigaragaza mu myaka yashize nka kimwe mu bikorwa bikomeye ku bukungu bwa Afurika.

Buri mwaka, ihuza ab'ingenzi bakomeye mu by'imari, ubukungu na politiki rusange baturutse impande zose z'umugabane, bahuriye ku ntego imwe ari yo gusesengura, kuganira no kwishimira impinduka z'iterambere muri Afurika.

Uretse ibirori byo gutanga ibihembo, Financial Afrik Awards igizwe n'urubuga nyakuri rw'ibitekerezo n'amahirwe, igateza imbere ibiganiro hagati y'abayobozi b'ibigo by'imari, abashyiraho politiki za Leta, abashoramari, ba rwiyemezamirimo, ibigo bishya, n'impuguke, ku ngingo zinyuranye z'iterambere ry'ubukungu n'imari by'umugabane wa Afurika.

# Huye: Abahinduye imyumvire baga-hinga kinyamwuga byabateje imbere

BYUKUSENGE Annonciata

***Bamwe mu bahinzi bo mu Karere ka Huye bahinduye imyumvire bakareka gutera ishyamba no guhinga mu kajagari, byabahinduriye imibereho, none ni abafatanyabikorwa mu gufasha abandi kwikura mu bukene.***

Havugarurema Darius, utuye mu Murenge wa Huye, Akagali ka Muyogoro ari na ho akorera ubuhinzi bw'amatunda, avoka n'ibinyomoro, ni umwe mu bahinzi bahinduye imyumvire nyuma yo guhabwa ubumenyi ku gukora ubuhinzi burambye no kwihaza mu biribwa.

Avuga ko mbere yo guhabwa ubumenyi yumvaga ishyamba ari cyo gihingwa gitanga amafaranga kurusha ibindi byose kuko yari yarariteye ku buso bungana na hegitari 5.

Ati: "Nahingaga ibihingwa biribwa mu kajagari kuko navangaga ibishyimbo, imyumbati, ibijumba n'amateke mu murima umwe. Nta musaruro byatangaga kuko numvaga ko guhinga by'ingenzi ari uko byose nabivanze."

Yongeyeho ati: "Nshoye imari mu buhinzi bw'ishyamba ndihinga kuri hegitari 2.5, nta kintu umuntu yashoboraga kumbwira ko cyasimbura ishyamba kuko ubumenyi nari mfite bwanyerekaga ko ari ryo rigira amafaranga."

Akomeza avuga ko mu 2024 yaje kumenya amakuru y'uko hari amahugurwa y'abahinzi, asaba ko yayitabira binyuze ku mufashamyumvire w'ubuhinzi mu Murenge wa Huye.

Ati: "Nakoze umushinga ndawutanga, ngira amahirwe



Bacukuye idamu ibafasha kuhira imyaka yabo mu gihe cy'izuba ryinshi ku buryo batabura umusaruro mwiza

uremerwa mba umwe mu bahinzi bazaterwa inkunga n'umushinga SAIP2 ukorera muri RAB. Nahawe inkunga ya miliyoni 22 harimo nkunganire ya 50%."

Ati: "Mu masomo twahawe yamfashije guhindura imyumvire harimo no kumenya ko kuhira imusozi bishoboka, guhinga igihingwa kimwe kandi mbere numvaga bitashoboka. Nize kurwanya isuri no guca imirwanyasuri."

Mbere yo guhinga kinyamwuga yezaga ibilo 50 by'ibishyimbo ku gihembwe cy'ihinga, ariko ubu yeza ibiro 500 by'amatunda, ibiro 300 by'ibinyomoro, akaba abisarura buri cyumweru.

Ati: "Mu gihembwe cya 2025A, umusaruro w'amatunda nawukuyemo miliyoni 6, ibinyomoro miliyoni 3. Avoka zo ntabwo ziratangira kwera."

Umuyobozi w'Akarere ka Huye wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Kamana Andrée, yabwiye Imvaho Nshya ko bishimira iterambere abaturage barimo kugeraho barikesha guhindura imyumvire.

Ati: "Turishimira intambwe imaze guterwa mu buhinzi nubwo hakiri urugendo rwo guhindura imyumvire. Abahinzi ntabwo bitabiriye iyi gahunda yo gusaba nkunganire mu buhinzi, ariko ababyitabiriye ni bo barimo kudufasha mu bukangurambaga. Abahinzi batere ibiti bivangwa n'imyaka."

Kuva mu 2024, umushinga SAIP watwaye miliyoni 20 z'amadolari ya Amerika, naho ibikorwa byo kuhira bitwara miliyoni 5.7 z'amadolari y'Amerika.

ZIGAMA Theoneste

# Dr Nsengiyumva yaburiye Abanyarwanda ko inzoga zitujuje ubuziranenge zica

***Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva, yatanze umuburo ukomeye w'ingaruka z'inzoga zitujuje ubuziranenge zikomeje kwiyongera, asaba Abanyarwanda kuzicikiho burundu kuko byagaragaje ko zigira ingaruka zirimo kubambura ubuzima.***

Yagaragaje ko izi nzoga zitemewe n'amategeko zibangamira cyane ubuzima rusange, kuko zikomeje guhitana abantu mu bice bitandukanye by'Igihugu.

Ni ubutumwa yatangiye mu Murenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, kuri uyu wa Gatandutu tariki ya 28 Gashyantare, ubwo yifatanyaga n'abaturage mu muganda rusange ngarukakwezi, usanzwe uba ku wa Gatandatu wa nyuma wa buri kwezi.

Minisitiri w'Intebe Justin Nsengiyumva, yagize ati: "Mu cyumweru gishize, abantu 25 babuze ubuzima mu buryo bubabaje bazize kunywa



Minisitiri w'Intebe Justin Nsengiyumva yasabye Abanyarwanda kwirinda inzoga z'inkorano kuko zica

inzoga z'inkorano, mu gihe abarenga 350 bajyanywe mu bitaro, kandi hari n'abandi benshi zagizeho ingaruka.

Yunzemo ati: "Izi nzoga ziteye inkeke akenshi zikorwa mu buryo budafite isuku, rimwe na rimwe zigakoreshwamo amatafari, kandi kenshi zivanze n'ibinyabutabire byangiza ubuzima birimo nka methanol, ifite uburozi bukabije."

Yavuze ko ibi byabaye ari ikimenyetso gikomeye cyerekana ko hakenewe ubufatanye bwa buri wese mu kurinda ubuzima n'umutekano by'abaturage.

Minisitiri w'Intebe yanagaragaje akamaro ko kugira isuku.

Yagize ati: "Isuku ni inshingano ya buri wese. Buri muntu agomba kugira uruhare rugaragara mu kubungabunga isuku mu rugo iwe, ku mihanda n'ahantu hahurira abantu, kugira ngo habe ahantu hatekanye kandi hafite ubuzima bwiza kuri bose."

Ashingiye ku binyobwa byengwa mu buryo bwa gakondo bishobora guteza ibyago, Dr Nsengiyumva yemeje ko nubwo hari abategura imitobe cyangwa inzoga mu buryo buboneye kandi bwubahiriza isuku, hari n'abandi babikora mu buryo budafite isuku, bigashyira ubuzima bw'ababinywa mu kaga gakomeye.

Yagize ati: "Ni ngombwa ko tugenzura kandi tukamenya neza ibyo turya n'ibyo tunywa n'aho biva, kuko uburyo bwo kubyenga butizewe bugira uruhare mu guteza ibibazo byinshi by'ubuzima.

Kubungabunga isuku mu rugo no kwita ku isuku y'umubiri ni intambwe z'ingenzi zo kurinda ubuzima bwacu."

Minisitiri w'Intebe yongeye gushimangira akamaro k'Umuganda nk'inkingi y'umuco nyarwanda.

Yagize ati: "Ni ingenzi ko dukomeza kwimakaza uyu muco, atari gusa ku bw'iterambere, ahubwo no mu rwego rwo gushimangira umwuka w'ubusabane n'ubufatanye mu muryango nyarwanda."





BAHUWIYONGERA Sylvestre

# Rusizi: Abatangiye ikimina bizigama 1000 Frw, barakigabanamo miliyoni 30 Frw

***Abaturage 62 b'Akagari ka Burunga, Umurenge wa Gihundwe, Akarere ka Rusizi, bibumbiye mu kimina bise 'Tuzamurane' baravuga ko cyabahinduriye ubuzima aho bagabana miliyoni 30 z'amafaranga y'u Rwanda buri mwaka, kuri ubu bakaba bamaze kwigeza ku iterambere.***

Ni ikimina bavuga ko bagitangiye abenshi bakodesha, ubu 61 muri bo bakaba bamaze kwibonera inzu zabo bwite, bashobora kwishyura amashuri y'abana, kubabonera mutuweli n'ibindi bakura mu bucuruzi buciriritse babikesha icyo kimina.

Baganira na Imvaho Nshya, bavuze ko igitekerezo cyo kugishinga cyaje mu 2011, bagikuye ku mpanuro za Perezida Kagame, avuga ko Abanyarwanda Imana itabaraze ubukene kandi ko kubwikuramo bishoboka.

Abo baturage bavuga ko bunguranye ibitekerezo by'uburyo bakwishyira hamwe mu kimina begera ubuyobozi bw'Umurenge wabo bubibafashamo, none cyababereye isoko y'iterambere.

Ugiribambe Jeannette uvuga ko yakigezemo nta nzu ye bwite agira ubu akaba amaze kwiyubakira iyo abamo n'iyo akodesha afatanyije n'umugabo we, abana be bose biga nta nkomyi, akanaba umuyobozi wa bagenzi be, avuga ko bagishinze bafite intego yo kuzamurana bakikura ahabi.

Ati: "Tumaze kumva impanuro z'Umukuru w'Igihugu zo kwikura mu bibazo ubwacu, nk'abaturanyi twabiganiriyeho turi 22, buri wese atanga amafaranga 1000 y'umugabane shingiro, bitabujije ko n'ufite ayarenze ayashyiraho. Twari tugamije gushakira buri wese icyo yakora cyatuma atiririrwa yicaye mu rugo aganya."

Avuga ko bagitangiye, abonetse bakagenda bayahanahana buri wese akora ubucuruzi buciriritse.

Bose bamaze kubona imirimo, batangira kwizigama ayo babonye bakayajyana kuri SACCO, ushatse kuguza bakayamuha akazayishyurana n'inyungu,umwaka warangira bakarasa ku ntego, bakayagabana bagatangira undi mwaka.

Ati: "Amafaranga yagiye aba



Bavuga ko impanuro bahawe na Perezida Paul Kagame zabafashije kwishyira hamwe bakiteza imbere

menshi dutangira kuyabika tugabana make andi agasigara, abandi baratugana tugera kuri 72, bamwe baza kugenda biguru ntege bavamo, ubu turi 62. Tugeze ku rwego rwo kugabana miliyoni zirenga 30 z'amafaranga y'u Rwanda buri mwaka."

Yongeyeho ati: "Nkanjye ubu iyo nkeneye miliyoni 3 barazinguriza ngakora nkabishyura. Tuguza ku nyungu ya 10% buri kwezi, tukaguriza umuntu ahwanye n'ubushobozi bwe, azashobora kwishyura."

Avuga ko babonye ko kwishyira hamwe bikunze,buri wese akodesha, batangiye gutekereza kugura ibibanza bakubaka.

Ati: "61 bamaze kubona inzu zabo bwite. Hasigaye umwe na we turi kumugira inama yo kongera ubwizigame kuko bwari buto, akazagurizwa menshi akagura ikibanza akubaka. Tuzamuba hafi tunamutere inkunga, kuko ikimina cyacu kitagarukira ku kubitsa no kugurizanya gusa, n'imibanire twarayizamuye cyane, ugize ikibazo cyangwa afite ibirori tumuba hafi."

Avuga ko uretse inzu 2 amaze kubaka, anacuruza, bikamuteza imbere n'umuryango we, abana be biga neza nta nkomyi, abikesha uko kwishyira hamwe n'abandi.

Nambajimana Emmanuel uvuga ko yakigiyemo yahoraga abunza imitima kubera ubukode, ubu akaba amaze kwibonera inzu abamo ati: "Nisunze bagenzi banjye mba mu icumbi, ndizigama, maze kugira ayo ngeramo baranguriza ngura ikibanza ndubaka. Mazemo imyaka 10, naragujije ngura ikibanza cya miliyoni 3, ndubaka, mba mu nzu y'agaciro ka miliyoni zirenga 12 ntari kubona iyo nkomeza kuba jyenyine."

Yongeyeho ati: "Byose tubikesha kumva neza impanuro z'Umukuru w'Igihugu tukazishyira mu bikorwa. Uko turi 62 turi inshuti nyanshuti. Nta wagira ikibazo icyo ari cyose muri twe ngo abunze imitima, aba yizeye ko ashyigikiwe na bagenzi be."

Nyirabuhoro Anastasie avuga ko yimukiye mu Murenge wa Gihundwe avuye mu wa Nkombo, afite ibibazo by'amafaranga y'ishuri y'abana, ageze muri bagenzi be birakemuka.

Ati: "Twahimukiye nta kazi ngira. Ku dufaranga duke nari mfite ndabegera turafatanya, babanza kunguriza ayo nshakisha ubucuruzi buciriritse. Naracuruje bakananguriza amafaranga y'ishuri y'abana. Mfite 3 barangije kaminuza n'undi uyitangiye, byose ni amafaranga y'ikimina."

Yongeyeho ati: " Nshobora kuguza miliyoni 2 nkazikoresha zikambonera iby'ibanze dukeneye mu rugo. Utishyira hamwe n'abandi yarahombye cyane, ndi umuhamya wabyo.'

Umukozi w'Umurenge wa Guhundwe ushinzwe iterambere ry'amakoperative, ishoramari n'umurimo, Yanzigira Abdi, yashimangiye ko ibimina bikomeje gushinga imizi muri uwo Murenge aho ubu habararurwa ibimina bibumbiyemo bisaga 130, kandi ko ababigize benshi bafite ubuhamya bw'aho bavuye n'aho bageze mu iterambere kubera byo.

Ati: "Abenshi bahuraga n'ibibazo bikomeye bya mituweli y'imiryango yabo, amafaranga y'ishuri, ay'ibibatunga n'aho kuba. Twabagiriye iyo nama yo kwishyira hamwe ayo babonye bakayahuza, biteza imbere bifatika, impinduka zigaragara zibageraho, bagira agaciro mu bandi."

Avuga ko abakiri ba nyamwigendaho batakaye mu iterambere, agasaba buri wese kwegera abandi bakishyira hamwe mu kimina afata nk'isoko y'iterambere rirambye.

# Gakenke: Ivuriro rya Buhuga ryoroherereje ingendo abashaka serivisi z'ubuvuzi



Ivuriro ry'ibanze rya Buhuga ryafashije abivuza kwivuriza hafi, ntibagikora ingendo ndende

NGABOYABAHIZI Protais

***Ivuriro ry'ibanze rya Buhuga riherereye mu Murenge wa Kivuruga, Akagari ka Cyintare mu Karere ka Gakenke, rimaze kuba igisubizo ku baturage bo muri aka gace no mu Mirenge iyikikije, aho ibafasha kubona ubuvuzi bw'ibanze bitabaye ngombwa gukora ingendo ndende.***

Mbere y'uko ritangira gukora, abaturage bo mu Murenge wa Kivuruga, cyane cyane abatuye mu Tugari twa Cyintare n'utundi duce twegereye, bajyaga bakora urugendo rurerure bajya kwivuriza ku kigo nderabuzima cya Nemba cyangwa icya Gatonde.

Abandi byabasabaga gutega imodoka bakajya kwivuza ku bitaro bya Musanze, urugendo rutari rworoshye bitewe n'imiterere y'umuhanda n'amikoro.

Iryo vuriro rifasha abanyeshuri, abarimu n'abaturage batuye muri Kivuruga no mu Mirenge ituranye na yo nka Busengo na Nemba. Ubusanzwe yakira abarwayi bari hagati ya 50 na 60 ku munsi, bitewe n'ibihe by'umwaka n'indwara zihari.

Umuyobozi w'ivuriro rito rya Buhuga, Cyinthia Ntwari, avuga ko iryo vuriro ryaje gukemura ibibazo byinshi byari bihari, birimo ubukerererwe bwo kugera kwa muganga n'ingendo zivunanye abaturage bakoraga.

Yagize ati: "Mbere y'uko dutangira gutanga serivisi, abaturage bakoraga ingendo ndende bajya i Nemba, i Gatonde cyangwa bakajya i Musanze. Hari abageraga kwa muganga barembye kubera urugendo rurerure.

Ubu tubafasha kubona ubuvuzi bw'ibanze bwihuse kandi hafi yabo, bigabanya igihe n'amafaranga bakoreshaga."

Akomeza avuga ko batanga serivisi zitandukanye zirimo gusuzuma no kuvura indwara zisanzwe, gutanga imiti, gupfuka no kuvura ibisebe, gukingira abana, serivisi zo kuringaniza urubyaro ndetse no gukurikirana ubuzima bw'umubyeyi n'umwana.

Yagize ati: "Hari indwara nyinshi zivurirwa hano bitabaye ngombwa ko umurwayi yoherezwa kure, keretse izisaba ubuvuzi bwisumbuyeho, birenze ubushobozi bwacu nko gukura amenyo n'ibindi."

Abaturage bavuga ko kuba iryo vuriro riri hafi byaboroherereje cyane, nk'uko umwe mu batuye mu Kagari ka Cyintare Habamenshi Jean Baptiste abivuga.

Yagize ati: "Twajyaga tuvunika tujya i Nemba cyangwa i Gatonde, rimwe na rimwe tugahaguruka kare cyane. Ubu iyo turwaye tugera ku ivuriro ry'ibanze mu gihe gito, tukavurwa tugasubira mu mirimo."

Musoni Egidie atuye mu Murenge wa Kivuruga, ni umubyeyi w'abana batatu, na we avuga ko iri vuriro ryavunnye amaguru.

Yagize ati: "Nigeze kurwara nijoro mfite umuriro mwinshi. Mbere twajyaga dutegereza ko bucya tukajya i Nemba, ariko ubu nahise njya ku ivuriro ry'ibanze rya Buhuga. Baransuzumye, bampa imiti, mu gitondo numvaga meze neza."

Yongeraho ko mbere yo kubakwa kw'iri vuriro, ababyeyi bahangayikishwaga cyane n'indwara z'abana, kuko kugera kwa muganga byasabaga urugendo rurerure. Ubu ngo iyo umwana arwaye, bahita bamujyana hafi, bikabarinda gukererwa no kuremba.

Umukozi w'Akarere ka Gakenke ushinzwe ubuzima, Hategekimana Theogene, avuga ko gushyiraho ivuriro ry'ibanze mu Mirenge byagabanyije cyane ibibazo by'ingendo ndende abaturage bakoraga bashaka ubuvuzi.

Yagize ati: "Intego ni uko umuturage abona ubuvuzi bw'ibanze hafi aho atuye. Kugeza ubu, buri Murenge w'Akarere ka Gakenke ufite nibura ivuriro riciriritse rifasha abaturage kubona serivisi z'ibanze.

Ibyo byagabanyije umuvundo ku bigo nderabuzima no ku bitaro, kandi byorohereza abaturage, ikindi ntabwo abaturage bakirembera mu ngo."

Ivuriro ry'ibanze rya Buhuga ryubatswe mu rwego rwo gufasha abaturage n'abanyeshuri bari hafi yaho kubona ubuvuzi bw'ibanze bwihuse.



Abahinzi bafite icyizere cyo kuzabona umusaruro babikesha ikiyaga gihangano kizifashishwa mu kuhira

# Kayonza: Ikiyaga gihangano cy'asaga miliyari 2 Frw kizabafasha kuhira imusozi

HITIMANA Servand

***Abatuye mu Mirenge ya Kabare na Rwinkwavu mu Karere ka Kayonza bavuga ko bafite icyizere ko ikiyaga gihangano bari kubakirwa hagamijwe kuhira kizatuma bongera umusaruro ndetse iterambere ryabo rikihuta.***

Abo baturage babishingira ku bisobanuro bahawe ku mushinga wo kuhira ugiye gukorerwa mu masambu yabo ndetse n'ingendoshuri bagiye bakorera mu Turere dutandukanye.

Bashima icyo gikorwa remezo bari kubakirwa bakavuga ko biteguye kuzakibyaza umusaruro.

Alphonsine Nyirahategekimana agira ati: "Twishimiye ko Leta iri gukora ibintu twagiye twifuza byo kudufasha kuba twahinga niyo twaba tutabonye imvura. Aya mazi azadufasha kuhira imyaka yacu cyane cyane imbuto tugiye guhinga. Ni iby'ingenzi kuba twakora ubuhinzi bwacu tudahangayikishijwe n'ibura ry'imvura. Dufite icyizere cyo kuzakora tukiteza imbere."

Yongeraho ati: "Twabanje kutumva umumaro wo guhinga imbuto. Twibazaga tuti ese ndarimbura insina nacagaho igitoki imbuto nzazigaburira abana?

Gusa nyuma yo gusobanurirwa bakanadutwara mu ngendoshuri aho ubuhinzi bugamije ubucuruzi bukorwa, twabonye ko ari byiza cyane aho byinjiza amafaranga bityo uyafite akaba yahaha ibindi ndetse bikanamufasha kwiteza imbere."

Niyireba Alexandre nawe agira ati: "Iki kiyaga tugitegerejeho kudufasha mu buhinzi bwacu. Ni amazi azazamurwa ajye akoreshwa imusozi ibi bikazadufasha guhinga ndetse tukabona umusaruro. Ni amahirwe akomeye duhawe inaha aho natwe twiteguye kuyabyaza umusaruro tugakura amaboko mu mifuka tugakora, tugakira. Dufite icyizere kuri uyu mushinga."

Ubuso bunini buraтegurirwa

KOMEZA KU RUP.15





## Kayonza: Ikiyaga gihangano cy'asaga miliyari 2 Frw kizabafasha kuhira imusozi

IBIKURIKIRA URUP.14

kuzahingwaho imbuto.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kayonza buvuga ko mu rwego rwo guhangana n'ikibazo cy'izuba hashyizwe imbaraga mu mishinga yo kuhira. Ibi byagarutsweho na Hategekimana Fred umuyobozi w'akarere ka Kayonza mu kiganiro aheruka kugirana n'itangazamakuru.

Yagize ati: "Dufite imishinga itandukanye izadufasha guteza imbere ubuhinzi tukihaza mu biribwa tugasagurira n'amasoko. Kugira ubuhinzi twakwizera ko butazagirwaho ingaruka n'ikizere, turahyira imbaraga mu buryo bwo kuhira yaba mu bishanga ariko twatangiye no kuhira imusozi. Dusaba abaturage gukora ubuhinzi bubyara amafaranga bakiteza imbere cyane ko Leta nayo iba yakoze ibishoboka hakaboneka ibikorwa remezo bikenewe."

Ikiyaga gihangano kizifashishwa mu kuhira imyaka kiri kubakwa n'Umushinga KIIWP II kizuzura gitwaye amafaranga y'u Rwanda 2 116 000 000 frw.

Ayo mazi azifashishwa mu kuhira ku buso bwa hegitari 200 mu Mirenge ya Rwinkwavu na Kabare.

# Nyamagabe: Barishimira kwiyongera k'umusaruro babikesha kuhira ku buso buto



Nteziryimana Vedaste yuhira akoresheje imirasire y'izuba

BYUKUSENGE Annonciata

***Abahinzi bahawe uburyo bwo kuhira kuri nkunganire ya Leta bavuga ko byababafashije kongera umusaruro bakihaza mu biribwa bagasagurira n'amasoko.***

Abahinzi baganiriye na Imvaho Nshya baragaruka ku kamaro ko kuhira ku buso buto n'uburyo byababafashije kuzamura umusaruro.

Nteziryimana Vedaste, utuye mu Murenge wa Musange we ahinga inanasi n'amatunda, ahinga ku buso bungana na hegitari 3. Avuga ko kuhira ku buso buto akoresheje imirasire y'izuba byamufashije kongera umusaruro.

Ati: "Nkibona ibikoresho byo kuhira natangiye kubona inyungu zabyo kuko ubu mpinga ku butaka naguze mu mafaranga y'inyungu. Naguze ubutaka bufite ubuso bwa hegitari 3 busanga ubundi nari mfite, nakomeje guhingaho inanasi nongeramo amatunda na avoka."

Akomeza avuga ko umusaruro wiyongereye n'imibereho yahindutse kuko ubu atabasha guhaza isoko. Nteziryimana avuga ko imibereho yahindutse kuko yubatse inzu ifite agaciro ka miliyoni 20 mu nyungu ziva mu musaruro.

Akomeza avuga ko umusaruro wiyongereye n'imibereho yahindutse kuko ubu atabasha guhaza isoko. Ati: "Kuri hegitari 2,5 nakodeshaga nabonagaho umusaruro ungana na toni imwe y'inanasi, ariko ubu nsarura toni 4 z'inanasi kuri hegitari 3. Ubu butaka buhinzeho ibiti by'inanasi ibihumbi 95 500, ariko ibiti bisarurwa ni ibihumbi 65."

Kubana Ignace, ni umuhinzi wa avoka mu Murenge wa Cyanika, avuga ko mbere yo guhinga avoka yari umuhinzi w'urutoki, ahinga ku buso bungana na hegitari 7, ariko yuhira kuri hegitari 5.

Ati: "Ni inzira ndende kuko SAIPII itarampa inkunga y'ibikoresho byo kuhira nari nsanzwe ndi umuhinzi w'urutoki. Ntabwo nabonaga umusaruro uhagije kuko ntuhiraga, bigatuma mu gihe cy'izuba ntasarura. Ariko maze guhindura imyumvire naranduye urutoki mpinga avoka.

Ubu nta kibazo afite kuko inshuro imwe nsarura ibilo 250 ku biti 200 byatangiye kwera, ikilo kimwe bampa amafaranga y'u Rwanda 800."

Akomeza avuga ko agitangira guhinga avoka atahise abona uburyo bwo kuhira, nabyo bikaba bitaramuhaga umusaruro uhagije kuko avoka zarumaga bikamuteza igihombo.

Ati: "Nagize amahirwe Leta igoboka abahinzi, Nakize igihombo naterwaga n'izuba kuko nta musaruro nabonaga kandi ndi umuhinzi. Mu 2024 ni bwo RAB yatanze itangazo ko abahinzi bifuza gufashwa kuhira batanga imishinga. Nanjye narawutanze, ngira amahirwe uremerwa. Bampaye moteri n'umupira umfasha kugeza amazi mu murima."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Habimana Thadée, avuga ko bashyize imbaraga mu gufasha abahinzi kuhira kuko bibafasha guhinga ibihembwe byose (A, B na C) umusaruro ukiyongera.

Ati: "Turimo gutunganya ubutaka buzuhirwa kugira ngo abahinzi babone ubutaka butunganyije. Guhindura imyumvire ni cyo cya mbere kuko dufite umubare munini w'abahinzi batarumva akamaro ko guhuza ubutaka ngo babone amahirwe yo kuhira ku buso buhuje, ariko abamaze guhindura imyumvire ni bo bazadufasha mu bukangurambaga."

Mu bishanga bigiye gutunganywa mu Karere ka Nyamagabe, ku ikubitiro hari igishanga cya Rwondo gifite ubuso bungana na hegitari zirenga 90, igishanga cya Mwogo gifite ubuso bungana na hegitari 60 mu Murenge wa Kamegeri na Nzavu gifite ubuso bungana na hegitari 120 mu Murenge wa Mugano.

Ibi bishanga byose bizaba bifite uburyo bwo kuhira. Igishanga cya Nzavu ni cyo kizatangirirwaho, kikazatwara ingengo y'imari ingana na miliyoni 500 z'amafaranga y'u Rwanda.

Abahinzi begerejwe serivisi zo kuhira binyuze mu mushinga wa SAIPII ukorera mu Kigo cy'Igihugu gishizwe guteza Imbere Ubuhinzi n'U bworozi (RAB)

HABIMANA Eric

# Muhanga: Hagiye gusiburwa inzira z’amazi yangizaga imyaka y’abaturage

***Ubuyobozi bw’Umurenge wa Shyogwe mu Karere ka Muhanga bwahumurije abaturage batuye mu Midugudu ya Matsinsi na Rwamaraba, Akagari ka Mubuga, ko mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Gashyantare hateganyijwe ibikorwa byo gusibura, gutunganya imihanda n’inzira z’amazi.***

Abo baturage bavuga ko amazi ava mu mihanda atagira inzira zayo, yanyuraga mu mirima yabo, akayicamo inkangu agatwara ubutaka n’imyaka, byose bikamanuka bikagera mu mugezi w’Ururumanza ugabanya Uturere twa Muhanga na Ruhango.

Mukaruziga Béatrice, umwe mu baturage bahinga muri aka gace, yagaragaje ubukana bw’iki kibazo agira ati: “Ayo mazi ava mu muhanda wo haruguru hariya, aho bita kwa Jangwe werekeza Byimana muri Ruhango, akamanuka akadutwarira imirima. Iyo imvura iguye ari nyinshi, aramanuka agahurirana, imirima igacikamo kabiri, agatwara ubutaka n’imyaka yose asanze.”

Ndahimana Théoneste, utuye mu Mudugudu wa Matsinsi, avuga ko umurima we wangiritse ku buryo hari igice cyagiye burundu ubu akaba atakibona uko agihinga.



Imwe mu mirima y’abaturage yangijwe n’amazi y’imvura ayoberamo avuye mu muhanda

Avuga ko n’abandi bahinzi bagenzi be bahinga bafite ubwoba bwo kuzongera guhinga kuko mu bihe by’imvura imyaka ishobora gutwarwa n’amazi.

Ati “Mu itumba rya 2025 byabaye agahomamunwa. Ibijumba, intoryi n’ibindi twari twahinze hano hepfo byose amazi yarabitwaye, anatwarana n’ubutaka bw’imirima hahinduka nk’akabande. Uyu murima wageraga hirya, ariko ubu wabaye inzira y’amazi ava mu muhanda yose akaza hano.”

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Shyogwe, Nsengimana Oswald, yavuze ko iki kibazo kizakemurwa binyuze mu muganda w’abaturage bafatanyije n’ubuyobozi, hagasiburwa imihanda yasibamye, n’inzira z’amazi zafunzwe n’isuri n’ahari ibinogo bigasibwa.

Ati: “Nk’uko byakozwe mu muganda w’ukwezi gushize, gahunda ni ugukosora imihanda yasibamye, gusibura imiferege n’inzira z’amazi no gusiba ibinogo. Ibyo bikorwa ni iby’abaturage bafatanyije n’ubuyobozi. Mu muganda utaha tuzakosora n’aho abaturage bavuga ko amazi ava akabasenyera. Ibiturenze ubushobozi tuzabikorera ubuvugizi.”

Abaturage bavuga ko mu itumba rya 2025 bangirijwe imyaka myinshi, bagahomba bikomeye kuko ari yo bari bizeyeho imibereho yabo.

Basaba ko imihanda yakubakwaho imiyoboro itwara amazi cyangwa akayoborwa ahandi hatari mu mirima yabo, kuko mu bihe by’imvura bakomeje kugira impungenge z’uko bashobora kongera guhomba.

Bizeye ko ibikorwa byo gusibura no gutunganya iyi mihanda bizagabanya amazi yasesekaraga mu mirima, bityo bikarinda ubutaka n’imyaka yabo.

# Nyagatare: Rukomo inzu y’ababyeyi bubakiwe yabaye igisubizo ku bahabyarira

HITIMANA Servand

***Abagana Ikigo Nderabuzima cya Rukomo mu Karere ka Nyagatare barishimira ko bubakiwe inzu y’ababyeyi yatumye abagana iri vuriro bagiye kubyara, n’abaherekeje basigaye babona serivisi nziza.***

Abo baturage bavuga ko iyo nyubako nshya yaje kuraruhura ibibazo bikomeye bahuraga na byo,aho ubusanzwe ngo bakirirwaga mu nzu ntoya cyane, bikiyongeraho umubare munini w’abagana iryo vuriro, bigatuma ababyeyi babiri barashoboraga kwakirirwa ku gitanda kimwe.

Ayinkamiye Rose umwe mu babyeyi babyariye muri iri vuriro avuga ko kuri ubu bafite amashimwe kubera serivisi nziza bari guhabwa.

Ati: “Twishimiye kubakirwa iyi nyubako yatumye turi guhabwa serivisi nziza. Ubundi twabyiganiraga ahantu hato ariko ubu ibintu bimeze neza cyane, umubyeyi aba afite aho yakirirwa akagira aho abyarira ndetse n’aho aruhukira nyuma yo kubyara.T wishimiye ibi byiza tugezwaho.



Rukomo bubakiwe inzu y’ababyeyi igezweho ituma bahabwa serivisi nziza

Hakizamungu Aime na we yagize ati: “Ni ukuri njyewe sinabona uko mvuga ibitangaza turi kubona mu majyambere y’iki Gihugu. Umugore wanjye yabyariye abana babiri hano mu bihe navuga ko umubyeyi yabaga atari ahantu haboneye, kuko hari hafunganye kugira ngo umugabo amenye uko umugore we ameze, ni inkuru yabarirwaga, kuko utari kubona uko umugeraho abantu bacucitse.”

Uyu muturage yongeraho ko ubu nta muntu ushobora kwiganyira kuza kubyarira kuri iryo vuriro kuko umunsi ku munsi haboneka ibisubizo byo kunoza servisi.

Umuyobozi w’Ikigo Nderabuzima cya Rukomo Kayumba Samuel, avuga ko kubakirwa iryo vuriro byafashije mu gutanga serivisi nziza.

KOMEZA KU RUP.17





NGABOYABAHIZI Protais

# Kayonza: Abaturiye ishyamba bahawe amashanyarazi biruhutsa inyamaswa zabateraga

***Abaturage bo mu Murenge wa Ndego n’indi iwukikije mu Karere ka Kayonza bavuga ko bageze ku iterambere batakekaga kubera ko babonye amashanyarazi bakaba barakize ikizima cyahoraga mu ishyamba rya Pariki y’Igihugu y’Akagera baturiye, aho inyamaswa zabateraga mu ngo.***

Iki gice cyegeranye na Pariki y’Akagera cyahoze ari igice cya Pariki y’igihugu mbere yo gutuzwamo abaturage mu rwego rwo kubafasha kubona ubutaka n’imibereho myiza, cyari kizwiho kuba kure y’ibikorwa remezo. Kuri ubu ariko, umuriro w’amashanyarazi warahageze, uhindura ubuzima mu buryo bufatika.

Mukagasana Christine, utuye mu Murenge wa Ndego, avuga ko batari biteze ko amashanyarazi azabageraho.

Yagize ati: “Twebwe twumvaga duturiye ishyamba rya pariki, twibwira ko tutazagerwaho n’umuriro w’amashanyarazi. Twari twarumvise ko hari aho ugera n’aho utagera, tukumva iwacu ari mu hadashoboka. Ubuyobozi bwiza bwaratwibutse, budutekerezaho, natwe turawubona.”

Ndahimana Vincent wo mu Kagari ka Nyamugari na we ashimangira ko impinduka zabaye ari nyinshi. Avuga ko mbere ya byose, serivisi zisaba ko hakoreshwa umuriro w’amashanyarazi byari inzozi.

Yagize ati: “Kongera umuriro muri telefone byari ikibazo. Twagiraga umunsi wo gukusanya telefone zashizemo umuriro, tukaziha umuntu umwe akazijyana kuzishyirishamo umuriro kure. Kwiyogoshesha byo kugeza mu 2022 twakoreshaga inzembe.



Muri Ndego ntibiyumvishaga ko bagezwaho umuriro w’amashanyarazi

Byari ubuzima bugoye.”

Akomeza agaruka ku mutekano wabo ati: “Uretse izo ngendo zavunaga, twari dufite ikibazo cy’umutekano muke kubera gutura hafi y’ishyamba rya Pariki y’igihugu y’Akagera. Iyo bwabaga bwije twaryamaga tudatuje.

Imbwa zo mu ishyamba n’impyisi zajyaga zidutera mu ngo, inzoka na zo zajyaga zijya mu bisenge by’inzu. Ariko kuva aho amashanyarazi ahagereye, amatara yo hanze no mu nzu atuma izo nyamaswa zitinya kutwegera, ubu turaryama tugasinzira.”

Ku bijyanye n’iterambere ry’ubukungu, Ndahimana avuga ko hari byinshi byahindutse, akurikije uko kari agace karangwamo amashyamba menshi ndetse n’umwijima waharangwaga nijoro.

Yagize ati: “Mbere gusudira urugi cyangwa idirishya byadusabaga kujya i Kabarondo cyangwa mu Mujyi wa Kayonza. Byari urugendo rurerure kandi ruhenze. Ubu hano iwacu hari abasudira n’abandi bakora imirimo isaba amashanyarazi. Ntitukijya kure byose bikorerwa hano iwacu, n’amafaranga akaguma hano iwacu.”

Mukagasana we ngo yishimira ko kuri ubu amashanyarazi yatumye abana babo biga neza kuko kubera urumuri babasha gusubira mu masomo ikindi ngo ntibakijya kuvumba televiziyo.

Yagize ati: “Abana bacu biga nijoro badahenzwe n’amatara ya peteroli. Ubu bafite urumuri ruhagije, kandi batsinda neza. No ku tugari hari mudasobwa zikoresha amashanyarazi, bigatuma serivisi zihabwa abaturage zitangwa vuba kandi neza.”

Umuyobozi w’Akarere ka Kayonza, Fred Hategekimana, yagaragaje ko kugeza amashanyarazi muri aka gace kari kegereye Pariki y’Akagera byari bikwiye, kuko ari abaturage bakwiye serivisi nk’iz’abandi Banyarwanda. Yishimiye ko iki gikorwa cyagezweho, asaba abaturage kuyabyaza umusaruro, bakayakoresha mu guteza imbere imishinga ibyara inyungu no kwihangira imirimo, aho kuyifata nk’umurimbo gusa.

Abaturage bemeza ko aho higeze kuba ishyamba kandi hafatwa nk’ahatazagerwaho n’iterambere, ubu hamaze kumurikirwa n’amatara agaragaza icyerekezo gishya. Kuri bo, umuriro w’amashanyarazi si urumuri rusanzwe, ahubwo ni ikimenyetso cy’icyizere n’ahazaza heza.

# Nyagatare: Rukomo inzu y’ababyeyi bubakiwe yabaye igisubizo ku bahabyarira

IBIKURIKIRA URUP.16

Ati: “Kuba dufite ubushobozi bwo kwakira ababyeyi batugana kandi bakakirwa neza tubikesha iyi nyubako nziza twubakiwe na Leta kandi byatanze umusaruro. Kuba dufite aho ababyeyi babyarira kwa muganga byageze ku 100% kuko ntawukinubira kugana ivuriro.”

Umuyobozi w’Akarere ka Nyagatare Wungirije ushinzwe imibereho myiza y’abaturage Murekatete Juliet, yavuze ko gushyigikira imitangire ya serivisi nziza, mu rwego rw’ubuzima harimo no kongera ibikorwa remezo bifasha muri gahunda za buri munsi.

Yagize ati: “Inyubako yaje ikenewe cyane aho yabaye igisubizo ku baturage. Abaturage barasabwa rero kuyibyaza umusaruro bakubahiriza gahunda zo kubyarira kwa muganga, gusuzumisha inda inshuro ziteganyijwe kugira ngo barebe uko ubuzima bwabo buhagaze, kuko ubu nta rwitwazo rwo kubura aho bakirirwa.”

Iyi nyubako ifite ibyumba byo gutegererezamo, ikagira imyanya ibiri yo kwakira ababyeyi bari kubyara rimwe ndetse ikagira n’ubushobozi bwo kwakira abayeyi 10 babyaye.

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA
INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA GISAGARA
UMURENGE WA NDORA

Eugénie SMET TSS
TEL.: 0787399747
Email: tvetgisagara@gmail.com

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ikigo cya Eugénie SMET TSS gifatanije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko kuri icyo kigo, giherereye mu Murenge wa NDORA, Akarere ka GISAGARA, Intara y'Amajyepfo kiramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi bujuje ibisabwa bikenewera mu gupiganira amasoko ya Leta kuza gupiganira isoko ryo kugemurira ibikoresho bishira n'ibidashira binyuranye by'ubwubaji, ubwubatsi, dining, imodoka, biro n'iby'isuku.Igitabo gikubiyemo amabwiriza ajyanye n'iryo soko kiboneka mubunyamabanga bw'ishuri guhera ku wa 27/02/2026 mu minsi yose y'akazi kuva saa tatu kugeza saa kumi nimwe z'umugoroba.Uwifuza gupiganwa yishyura amafaranga ibihumbi cumi y'u Rwanda (10,000 FRW) adasubizwa kuri konti y'ishuri no 9000-191385-00 muri cooperative (UMWALIMU SACCO).Amabaruwa azajya yakirwa mu biro by'ubunyamabanga w'icyo kigo kandi akazafungurwa mu ruhame kuri 19/03/2026 saa tanu n'igice z'amanywa (11h30).

Bikorewe i Ndora ku wa 27/02/2026

Soeur Vestine MUKARUGWIZA

Umuyobozi w'ikigo cya Eugénie SMET TSS


# Gentil Misigaro yashyize hanze indirimbo nshya ashimira Mbonyi wayimwandikiye

MUTETERAZINA Shifah

***Umuramyi Adrien Misigaro yashyize hanze indirimbo nshya 'Uw'umwami akunda' ahishura kandi ashimira Israel Mbonyi wayanditse.***

Ni indirimbo imaze amasaha make ku rubuga rwe rwa YouTube aho yahise ashimira abayigizemo uruhare.

Yanditse ati:" Ndashimira by'umwihariko n'umwanditsi w'iyi ndirimbo Israel Mbonyi."

Mu bandi yashimiye harimo Yan Nick watunganyije amajwi yayo, BJC watunganyije amashusho, n'abandi barimo Gisubizo Ministries.



Gentil Misigaro yashimiye Israel Mbonyi wamwandikiye indirimbo 'Uw'umwami akunda'

Ni indirimbo ikubiyemo ubutumwa butanga icyizere ku bakunzi b'umuziki wo kuramya no guhimbaza Imana ko urukundo rw'Imana rudacogora ku bayiringira.

Adrien Misigaro na Israel Mbonyi basanzwe bafitanye umubano wa hafi mu muziki wa kuramya no guhimbaza Imana.

Mu 2025, baherukaga guhurira mu ndirimbo "Nkurikira", yakunzwe cyane n'abakunzi b'umuziki wo kuramya no guhimbaza Imana.

Adrien Misigaro azwi ku ndirimbo zakunzwe zirimo Biratungana, Buri munsi, Ndaje, Hano ku Isi, Nyibutsa n'izindi.

# UB40 na Ali Campbell bagiye gutaramira i Kigali

MUTETERAZINA Shifah

***Itsinda ryamamaye ku Isi rya UB40 riri kumwe n'umuhanzi uzwi ku ijwi ryiza Ali Campbell, rigiye gutaramira bwa mbere mu Rwanda mu gitaramo kizabera muri BK Arena.***

Ni igitaramo kiri mu ruhererekane rw'ibitaramo byabo bise "The Big Love Tour" bateganya gukora mu ijoro ry'itariki 9 Kamena 2026, i Kigali mu rwego rwo guhuza urukundo, amahoro n'ubumwe, indangagaciro za Reggae yamamaje kuva mu myaka myinshi ishize.

Ni igitaramo cyategujwe n'ubuyobozi bw'inyubako ya BK Arena ibinyujije ku mbuga nkoranyambaga zabo bishimangirwa n'iryo tsinda ryahise rishyira integuza yacyo ku mbuga nkoranyambaga zaryo.



Itsinda UB40 n'umuhanzi Ali Campbell bazataramira i Kigali muri Kamena 2026

Ni inkuru yakiriwe neza n'abakunzi b'umuziki mu Rwanda bari basanzwe barihebeye abo bahanzi kubera gukurikira ibihangano n'ibitaramo byabo bari basanzwe bakorera i Burayi no muri Amerika.

Ku bakurikiye umuziki wo mu bihe byo hambere bazi indirimbo za UB40, bizaba ari ugusubira mu bihe byiza; ku rubyiruko, bizaba ari amahirwe yo kubona imbonankubone itsinda ryanditse izina mu mateka ya reggae.

Iryo tsinda ryashingiwe mu Bwongereza mu 1978, rikaba ryarahinduye isura ya reggae riyihuza n'indi njyana nka pop na dub, bituma irenga imbibi z'ibirwa bya Jamaica ikwira Isi yose.

Ali Campbell we yabaye ijwi nyamukuru ry'iri tsinda imyaka myinshi, ni umwe mu batumye UB40 iba ikimenyabose ku rwego mpuzamahanga.

UB40 yamenyekanye ku ndirimbo zirimo Red Red Wine, Kingston town, I can't help fall in love with you, Please don't make me Cry n'izindi zakunzwe.

Biteganyijwe ko icyo gitaramo kizaba tariki 9 Kamena 2026, aho u Rwanda rukomeje gushimangira ko ari igicumbi cyo kwakira ibitaramo n'inama mpuzamahanga.





# Volleyball: Bwa mbere mu mateka, APR VC ntizakina imikino ya Kamarampaka



Bwa mbere mu mateka, APR VC ntizakina Imikino ya kamarampaka

SHEMA Ivan

***Ku nshuro ya mbere, ikipe ya APR Volleyball Club ifite igikombe cya Shampiyona giheruka ntizagaragara mu makipe ane ya mbere azakina imikino ya Kamarampaka yo guhatanira igikombe cya Shampiyona ya Volleyball 2025/26.***

Amahirwe y'iyi kipe yayoyotse nyuma yo gutsindwa na REG VC amaseti 3-1 mu mukino wabereye kuri Petit Stade mu ijoro ryo ku wa Gatandatu, tariki ya 28 Gashyantare 2026.

Wari umukino w'ishiraniro hagati y'impande zombi, aho APR VC yasabwaga gutsinda amaseti abiri gusa igakomeza.

Ku rundi ruhande REG VC yasabwaga gutsinda nibura amaseti 3-0 cyangwa amaseti 3-1 ku buryo yegukana amanota atatu.

Muri uyu mukino, APR VC yatangiye neza ndetse yegukana iseti ya mbere ku manota 25-19.

Ikipe ya Sosiyete y'Igihugu Ishinzwe Ingufu (REG) yasubiranye imbaraga mu iseti ya kabiri ibifashijwemo n'abakinnyi barimo Merci Gisubizo yegukana iyi seti ku manota 25-18.

Iyi kipe itozwa na Mugisha Bavuga Benon yakomerejeho no mu iseti ya gatatu, iyitsinda bigoranye ku manota 25-23.

Iseti ya kane y'umukino yari nk'iseti ya kamarampaka kuko amakipe yombi yasabwaga kuyegukana akabona itike ya kamarampaka bidasubirwaho.

REG VC ni yo yitwaye neza muri iyi seti iyegukana ku manota 25-20, ihita ikatisha itike yo gukina imikino ya kamarampaka yo guhatanira igikombe cya Shampiyona ya Volleyball 2025/26.

Gutsindwa uyu mukino kuri APR VC ifite ibikombe byinshi



Gisubizo Merci yagoye cyane APR VC yahozemo umwaka ushize

bya shampiyona mu Rwanda byatumye ibura mu makipe ane ya mbere azakina imikino ya kamarampaka bwa mbere mu mateka kuva yashingwa.

APR VC yari yasoje imikino ya Shampiyona iyoboye ariko umusaruro mubi yagize mu mikino yo kwishyura ni yo ntandaro yo kudakina imikino ya kamarampaka.

REG VC yasanze andi makipe azakina iyi mikino ari yo Gisagara VC, Kepler VC na Police VC.

# RGB yongereye igihe Komite y'Inzibacyuho ya Rayon Sports

SHEMA Ivan

***Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rwongereye andi mezi atatu Komite y'Inzibacyuho ya Rayon Sports iyobowe na Murenzi Abdallah, gukomeza imirimo yahawe irimo kuvugurura amategeko no gutegura amatora.***

Ku wa 25 Ugushyingo 2025, ni bwo iyi komite y'agateganyo yahawe igihe cy'amezi atatu kugira ngo ivugurure amategeko y'Umuryango Rayon Sports mu nzego zawo no gushyiraho umurongo w'imiyoborere y'umuryango.

Iyi Komite Nyobozi yahuye n'akazi katoroshye harimo gufasha ikipe kubona abakinnyi n'abatoza bashya no kugumana bamwe mu bo isanganywe, kugira ngo yiyubake ihereye mu kibuga.

Ibi bigezeho, aho muri Mutarama Rayon Sports yongeyemo abakinnyi benshi bo kuyifasha kongera imbaraga mu guhatanira igikombe cya Shampiyona iheruka mu



Murenzi Abdallah, yongerewe amezi 3 akazakomeza imirimo yo kuvugurura amategeko no gutegura amatora

myaka umunani ishize.

Nyuma yo kurema ibyakozwe muri aya mezi atatu bari bahawe yo kuyobora by'agateganyo, bongerewe andi mezi atatu kugira ngo bakomeze kunoza amategeko n'imiyoborere ihamye y'iyi kipe yabaye agatereranzamba.

Iyi komite iyobowe na Murenzi Abdallah ufatanya na bagenzi be barimo Musabyimana Jean Baptiste, Gakwaya Olivier, Akayezu Josée na Me Nubumwe Jean Bosco. Ni ku nshuro ya kabiri Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rugerageza gukemura ibibazo bya Rayon Sports muri ubu buryo, aho byaherukaga mu 2020.



Komite Nyobozi y'Inzibacyuho ya Rayon Sports iyobowe na Murenzi Abdallah yongerewe amezi atatu azarangizanya n'umwaka w'imikino wa

Imvaho Nshya
Siporo



Nº .E-52 TARIKI 26 GASHYANTARE - 2 WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Moritz Kretschy yegukanye Tour du Rwanda 2026, Henok Mulubrhan ahesha ishema Abanyafurika



Umudage Moritz Kretschy w'imyaka 23, ni we wegukanye Tour du Rwanda 2026

SHEMA Ivan

***Umudage Moritz Kretschy w'imyaka 23, ukinira Ikipe ya NSN Development Team, yegukanye Tour du Rwanda 2026, naho Umunya-Eritrea Henok Mulubrhan yegukana agace ka Munani, aho yakoresheje isaha imwe, iminota 59 n'amasegonda 37.***

Ku Cyumweru tariki ya 1 Werurwe 2026, ni bwo hakinwe agace ka munani ka Tour du Rwanda 2026, kahagurukiye kuri Kigali Convection Center kagasorezwa kuri Kigali Convection Center ku ntera ya kilometero 83,8.

Inzira ikoreshwa mu gace ka nyuma ka Tour du Rwanda 2026 ni KCC - Gishushu-MTN-Mu Kabuga ka Nyarutarama- kuzenguruka Golf- SOS- MINAGRI- Ninzi-KABC- RIB- MediHeal- Women Foundation Ministries (Kwa Mignone)- Ku Muvunyi- KCC.

Isiganwa ryatangijwe na Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin, abakinnyi babanza kugenda kilometero eshatu mbere yo gutangira kubarirwa ibihe.

Ni isiganwa ryatangiye abakinnyi bacungana, ariko by'umwihariko Ikipe ya NSNn irimo Moritz Kretschy wari wambaye Maillot Jaune igenzura ko bataza kuyitakaza.

Bakigenda ibilometero bya mbere, abakinnyi barindwi bagerageje gusiga abandi ariko igikundi gihita kibagarura bidatinze.

Bruno Martins w'Ikipe ya Localiza yo muri Bresil, ni we amanota y'umusozi wa mbere yatangiwe ku kilometero cya 38,3 kuri Tapis Rouge n'ayo ku musozi wa kabiri.

Hasigaye kilometero ebyiri gusa isiganwa risozwe, Araya na Da Silva bayoboye isiganwa nyuma y'uko Duarte Marivoet yafashwe n'igikundi.

Bitegura kugera kuri Kigali Convection Center, Henok Mulubrhan yafashe icyemezo ava mu gikundi asiga Araya wari imbere birangira yegukanye aka gace, aho yakoresheje isaha imwe, iminota 59 n'amasegonda 37.

Uyu mukinnyi w'imyaka 26 ukomoka muri Eritrea yabaye Umunyafurika wa mbere wegukanye agace muri Tour du Rwanda y'uyu mwaka.

Ku rutonde rusange, Moritz Kretschy yegukanye Tour du Rwanda 2026 akoresheje amasaha 23, iminota 48, umunani n'amasegonda 48, arusha Adamietz Johannes wa Rembe | Rad-Net Iminota ibiri n'amasegonda umunani mu gihe Marivoet Scholiers Duarte wa Lotto -Groupe Wanty wasoreje ku mwanya wa gatatu arushwa iminota ibiri n'amasegonda 32.

Uwegukana irushanwa yahawe Amayero 3600, agera kuri miliyoni 6,2 Frw. Abakinnyi beza ku rutonde rusange barahembwa kugeza ku wa 20 yahawe Amayero 65 (hafi ibihumbi 112 Frw).

Ni Inshuro ya kane yikurikiranya muri Tour du Rwanda, u Rwanda rubura umukinnyi mu 10 ba mbere b'irushanwa, aho Niyonkuru Samuel Team Amani yasoreje ku mwanya wa 16 arushwa iminota itanu n'amasegonda 51.

Ikipe ya NSN ni yo yabaye ikipe nziza uyu mwaka kuko yegukanye uduce dutatu turimo tubiri kuri Itimar Einhorn (1 na 6) na Pau Matri wegukanye agace ka kabiri.

Abandi batwaye iri rushanwa ryabaga ku nshuro ya 18 kuva ribaye mpuzamahanga ni Merhawi Kudus mu 2019, Natnael Tesfazion mu 2020 na 2022. Mu 2021 ryatwawe n'Umunya- Espagne Cristián Rodríguez Martin wakiniraga TotalEnergies.

Mu 2023 ryegukanywe na Henok Mulubrhan mu gihe 2024 ryatwawe n'Umwongereza Peter Joseph Blackmore.

Umwaka ushize wa 2025 ryatwawe n'Umufaransa Fabien Doubey wakiniraga TotalEnergies.



Henok Mulubrhan yabaye Umunyafurika wa mbere utwaye agace muri Tour du Rwanda 2026



Nyabugogo yongeye kugaragaza ko bakunda umukino w'amagare